# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-71 TARIKI 25-31 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU

U Rwanda na Uganda mu ngamba zo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka



8

AMAKURU

Mokgweetsi wayoboye Botswana yitabiriye umuganda i Kigali, asigira urubyiruko umukoro



13

MU NTARA

Musanze: Abasaga 500 bazatuzwa mu Mudugudu w'Icyitegererezo biteze ubuzima bushya



16

IMYIDAGADURO

Diamond Platnumz yatanze ibyishimo ku Banyarwanda



29


# Afurika ntigikeneye ubuhuza mu kwikemurira ibibazo - Dr. Nsengiyumva



Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin mu nama ya 21 ya AU

**SHEMA Ivan**

*Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ko Afurika ikwiye kwiyubakira ubushobozi n'umutungo byo kuyobora inzira zayo z'amahoro, aho gushingira cyane ku bafatanyabikorwa bo hanze mu gukemura amakimbirane muri Afurika.*

Yabigarutseho ku Cyum-

KOMEZA KU RUP.3

## Abanyeshuri 7 188 bakopeye bagiye gusubiramo ibizamini bya Leta

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi, MINEDUC yatangaje ko kubera ibikorwa byo gukopera ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza by'umwaka wa 2025/2026, bikagaragara ko abanyeshuri 7 188 hirya no hino mu Gihugu bakopeye, hafashwe umwanzuro ko ibizamini bya Leta bagiye kubisubiramo kuva ku wa 02 kugeza ku wa 04 Nzeri 2026.***

Itangazo MINEDUC yashyize hanze ku wa 30 Kanama 2026, ryagaragaje ko iperereza ryagaragaje ko habayeho gukopera mu buryo bwa rusange mu byumba 254, byakorerwagamo ibizamini byarimo abanyeshuri 7 188, bityo bakaba bahawe amahirwe yo kongera gusubiramo ibizamini bya Leta nubwo amakosa nk'ayo ahanishwa gutesha agaciro ibizamini umunyeshuri yakoze.

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph mu kiganiro yagiranye na RBA ku Cyumweru tariki ya 30 Kanama 2026, yemeje ko nyuma y'iperereza hafashwe ibyemezo bijyanye n'ibyagaragaye, kandi bari bafite amahitamo abiri aho byashobokaga ibizamini

KOMEZA KU RUP.3

# Ibitaro bya Masaka byatwaye miliyari 85 Frw byatashywe



**Ni ibitaro byubatswe ku bufatanye bw'u Rwanda n'u Bushinwa, bikorwa na kompanyi y'u Bushinwa, Shanghai Construction Group Co. Ltd**

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda yashyikirijwe na Ambasade y'u Bushinwa mu Rwanda, ibitaro bya Masaka, ahazimurirwamo ibya Kaminuza bya Kigali (CHUK) bikaba byari bimaze imyaka ine byagurwa, aho byuzuye bitwaye asaga miliyari 85 z'Amafaranga y'u Rwanda.***

Ni ibitaro bya Masaka byaguwe biva ku buso bwa metero kare 6 398 bigera kuri 56 957, umubare w'ibitanda uva ku 127 urenga 800, aho byitezweho ko bizajya byakira buri munsi abarwayi 2 000 bivuza bataha.

Uyu muhango wabaye ku wa Gatanu, tariki ya 28 Kamena 2026, witabiriwe na Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi na Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin.

Ibi bitaro bya Masaka byavuguruwe ndetse byagurwa hagamijwe kubyongerera ubushobozi, byubatswe na kompanyi y'u Bushinwa, Shanghai Construction Group Co. Ltd, aho bifite ubushobozi burenga inshuro ebyiri ubw'ibitaro bya CHUK byari bisanzwe bifite ibitanda 400 by'abarwayi.

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin yavuze ko ibi bitaro byubakwaga na Leta y'u Bushinwa byarangije gukorwaho imirimo yose ndetse abashinzwe iby'ubwubatsi mu Rwanda na bo bamaze gusuzuma bagasanga bimeze neza, bikaba bisobanuye ko bigiye gutangira gukoreshwa icyo byagenewe ndetse n'ibya CHUK bikahimukira.

Yagize ati: "Tugiye gutegura uburyo abarwayi batangira kwivuriza ahangaha, hari ibyo twatangiye gutegura hari n'ibindi tugiye kunoza neza. Murabizi ko ari ho ibitaro bya CHUK bigiye kwimukira aha, hari ibyo twarangije gutegura hari n'ibindi tugiye kunoza neza aho byari biri mu Mujyi biracyakora ariko kwimuka bikorwa mu buryo serivisi zidazakomwa mu nkokora."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko ibitaro by CHUK bigiye kwimuka mu byiciro ku buryo hari sisiteme ziri guhuzwa n'ibikoresho biri kwimurwa ku buryo serivise z'ingenzi zabonekaga muri ibyo bitaro zizaba zamaze kugezwa i Masaka.

Yongeyeho ko kuri ibyo bitaro hazatangirwa serivise zigezweho mu buvuzi zitari zisanzwe zizatuma Ibihugu byo muri Afurika no ku yindi migabane bizohereza abarwayi kwivuriza mu Rwanda.

Yagize ati: "Hari ahazakorerwa serivise tutari dufite, hari ibyo gusimbuza impyiko twari dusanzwe dufite mu bitaro by'Umwami Faisal,turashaka ko hazakorerwa ibindi bisa na byo ku zindi ngingo, hari izindi ngingo ushobora gusimbuza, umwijima, kubagwa, gusimbura umusokoro w'amagufa, hari byinshi cyane mpuzamahanga bizatuma Abanyafurika bajyaga ku migabane ya kure bisanga hano i Masaka."

Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi yavuze ko yishimiye kubona imirimo bakoze igeze ku musozo, bikaba bigaragaza ko icyiciro cya mbere cy'umushinga kirangiye, hagiye gutangira ikindi cyiganjemo kungurana ubumenyi.

Yagize ati: "Icyiciro cya mbere cy'uyu mushinga cyarangiye ubu turimo kureba icyiciro cya kabiri, kandi ni cyo cy'ingenzi kurushaho harimo amahugurwa,ubushakashatsi by'umwihariko na gahunda zo kungurana ubumenyi n'ubunararibonye hagati y'abaganga b'Ibihugu byombi."

Ibitaro bishya bya Masaka bigizwe n'inyubako z'amagorofa, inyubako zagenewe kwakira abarwayi bararamo, izagenewe serivisi z'abivuza bataha, inyubako zagenewe ikoranabuhanga n'ibikoresho by'ubuvuzi bugezweho.

Ibyumba by'abarwayi byateguwe mu buryo bugezweho aho hari ibirimo ibitanda bisangirwa n'iby'umuntu umwe ndetse bifite ubwiherero n'ubwogero bwabyo, hari inzira zorohereza abafite ubumuga n'izindi.

Ibi bitaro kandi bifite ikibuga cy'indege kizajyaga kimanukiraho kajugujugu zitwaye abarwayi barembye cyane bakeneye ubufasha bwihuse, hari ibikoresho by'ubuvuzi bigezweho, birimo ibyo guca mu cyuma (MRI), imashini za X-ray, ibikoresho bya radiology, ndetse n'ibindi bikoresho byo gusuzuma no kuvura indwara zikomeye.

Hari kandi ibyumba 18 byo kubagiramo abarwayi, bitabariwemo ibyumba byihariye byo kubagiramo abagore babyara.

Aha ni ho hazajya hatangirwa serivisi z'ubuvuzi bw'inzobere buhanitse, bityo bigafasha u Rwanda kugabanya abarwayi bajya gushakira ubuvuzi mu mahanga.



**Ibitaro bya Masaka byatwaye asaga miliyari 85 Frw byatashywe**

# Minisitiri w'Intebe yerekanye ko Afurika itagikeneye ubuhuza mu gukemura ibibazo byayo

IBIKURIKIRA URUP.1

weru, tariki ya 30 Kanama 2026, ubwo yifatanyaga n'abandi Bakuru b'Ibihugu na za Guverinoma mu nama ya 21 y'Inteko Rusange idasanzwe y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma by'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

Iyi nama yabereye i Luanda muri Angola yari ifite insanganyamatsiko igira iti: "Gushimangira uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane muri Afurika."



Minisitiri w'Intebe yahagarariye Perezida Paul Kagame mu nama y'Inteko rusange idasanzwe ya 21 ya AU

Yagize ati: "Afurika ntikwiye gukomeza gushingira ahanini ku bafatanyabikorwa bo hanze mu gushaka amikoro yo gukemura amakimbirane, cyangwa ngo yegurire abari hanze y'umugabane ubuhuza bw'amakimbirane yayo. Tugomba kubaka icyizere, ubushobozi n'umutungo bidushoboza kuyobora ubwacu inzira z'amahoro, kuva ku gukumira hakiri kare kugeza ku byiciro by'ubuhuza bukemura ibibazo."

Mu cyerekezo 2063 Afurika yihaye intego yo gucecekesha imbunda. Nyamara ubu mu turere dutandukanye tw'umugabane turimo intambara kandi abahuza bose usanga ari ibihugu byo hanze ya Afurika.

# Abanyeshuri 7 188 bakopeye bagiye gusubiramo ibizamini bya Leta

IBIKURIKIRA URUP.1

byakozwe byateshwa agaciro bigatuma benshi basibira, ariko basanga aho guhana abo bana bose kandi gukopera kwabo byaragizwemo uruhare n'abantu bakuru, bahabwa andi mahirwe.

Yagize ati: "Kubera uruhare rw'abantu bakuru cyane cyane ni yo mpamvu twafashe icyemezo kugira ngo turengere aba bana babone ayo mahirwe yo kongera gukora ibindi bizamini."

Minisitiri yagaragaje ko nyuma yo gukora ibizamini, bazahita batangira gukosorwa bikaba biteganyijwe ko amanota yabo azasohoka ku wa 11 Nzeri 2026, bagatangira kwiga ku wa 14 Nzeri nyuma y'icyumweru abandi batangiye.

Yongeyeho ko abakuru bagize uruhare muri uko gukopeza, batangiye gukorwaho iperereza, hari abamaze kubazwa ndetse hari n'abandi bazabazwa kandi bazatangazwa ku mugaragaro.

Yagize ati: "Tuzanatangaza twerekane abo bantu kugira ngo n'abandi batazagira ibitekerezo byo kugira icyo bakora kugira ngo bangize imbaraga turi gushyira mu kuzamura ireme ry'uburezi."


Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yemeje ko abanyeshuri bagaragayeho gukopera bahawe amahirwe yo kongera gukora ibizamini

MINEDUC yasabye abanyeshuri bazasubiramo kongera kwitegura ndetse ababyeyi n'abarezi bakabafasha uko bashoboye kandi bakabahumuriza kugira ngo bakore neza.

MINEDUC yongeyeho ko ku wa 31 Kanama 2026, izatangaza ingengabihe y'ibizamini, ibigo bizakorerwaho n'andi mabwiriza akenewe kandi bazakorana bya hafi n'izindi nzego kugira ngo iki gikorwa gikorwe neza mu buryo bwitondewe.

Yagaragaje ko abantu bose bazagaragaraho kuba barateguye, barafashije, baragize uruhare cyangwa bararebereye nkana ibikorwa byo gukopera bazahanwa hakurikijwe amategeko.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), Dr. Bahati Bernard, yavuze ko abanyeshuri bakekwaho gukopera bamenyekanye hifashishijwe uburyo bubiri.

Yasobanuye ko hari abagiye bafatirwa mu cyuho mu gihe bakoraga ibizamini, mu gihe abandi bagaragaye mu gihe cyo gukosora, aho basanze abanyeshuri bo mu kigo kimwe cyangwa mu itsinda rimwe bafite ibisubizo bimwe kandi bitari byo.

Imibare ya MINEDUC igaragaza ko abanyeshuri 277 452 bakoze ibizamini bisoza amashuri abanza, abatsinze ari 88,21%, bakaba bariyongereye ugereranyije n'umwaka ushize wa 2024/2025, kuko bari 75,6%, mu gihe abakoze ibizamini bisoza icyiciro rusange (O-Level) bari 149 533.

# Inyungu fatizo ya BNR yazamuwe ishyirwa ku 8,75%

**SHEMA Ivan**

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yazamuye urwunguko fatizo rwayo ruva ku 8,25% rwari rwashyizweho muri Gicurasi uyu mwaka, irushyira ku 8,75% mu rwego guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku masoko rikomeje kwiyongera.***

Muri Gicurasi uyu mwaka, urwunguko fatizo rwa BNR rwari rwashyizwe kuri 8,25% kugira ngo ibashe guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku masoko. Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wageze kuri 14,5% muri Nyakanga 2026 uvuye ku 13,2% mu gihembwe cya kabiri.

Mu byatumye izamuka ry'ibiciro rijya hejuru cyane harimo ibiciro by'ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu. Izi mpinduka zatewe n'impamvu zitandukanye, zaba izituruka imbere mu gihugu n'izikomoka hanze y'igihugu.

Izo mpinduka zirimo izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli n'ibiciro bya gaze biturutse ku bushyamirane hagati ya Amerika, Israel na Iran, ndetse no kwiyongera kw'ikiguzi cy'ubwikorezi bw'ibicuruzwa mu nyanja, nyuma y'ifungwa ry'Umuhora wa Horumuzi (Hormuz).



**Guverineri wa BNR, Soraya Hakuziyaremye yavuze ko iri zamuka rya 0,50% ry'urwunguko rwa BNR ryakozwe kugira ngo bifashe mu kugabanya umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro**

Guverineri wa BNR, Soraya Hakuziyaremye yavuze ko iri zamuka rya 0,50% ry'urwunguko rwa BNR "ryakozwe kugira ngo bifashe mu kugabanya umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro, harindwa ko uwo muvuduko warenga imbago za 2-8%, Igihugu kiba cyifuza kugira ngo kigire iterambere ry'ubukungu burambye.

Yagize ati: "Aho rero tugomba kuzamura urwo rwunguko rwa BNR kugira ngo dushobore kugabanya uwo muvuduko w'izamuka ry'ibiciro, utazakomeza kuzamuka bitewe n'abantu benshi barimo gushaka inguzanyo bakazamura gushaka ibicuruzwa byinshi kuko iyo abifuza ibicuruzwa baruta ingano y'ibihari, ibiciro birazamuka."

Yongeyeho ko umwanzuro wo kongera urwunguko rwa BNR, bitagabanya inguzanyo zisabwa n'abaturage cyangwa abacuruzi. Imibare yerekana ko inguzanyo zitangwa na banki n'ibigo by'imari bicirirtse, zazamutse ku gipimo kirenze 22% mu mezi atandatu ya mbere ya 2026.

Ati: "Icya mbere nagira ngo nsobanure ni uko tutibeshya ko tumaze no kuzamura urwunguko fatizo rwa BNR muri Gicurasi, inguzanyo ntabwo zagabanyutse."

Ikinyuranyo cy'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo cyagabanyutse ku kigero cya 5,13% mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka, kubera izamuka mu gaciro k'ibyoherejwe mu mahanga birimo icyayi, ikawa n'ibindi.

BNR iteganya ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro mu 2026 uzaba uri ku mpuzandengo ya 13,1% aho kuba 13,9% byari byatangajwe nk'iteganyamibare ryo muri Gicurasi.

Ibyoherezwa mu mahanga byiyongereyeho 51,0%mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2026, biturutse ahanini ku kwiyongera kw'amabuye y'agaciro yoherejwe ndetse n'ibiciro byari byiza ku isoko mpuzamahanga.

Ibindi bicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 39,4%, bitewe ahanini n'amavuta yo guteka atunganyijwe, sima n'ifu y'ingano. Ibitumizwa mu mahanga bigacuruzwa mu bihugu duturanye nabyo byariyongereye ku kigero cya 26,0%, bigaragaza kwiyongera kw'ibikenerwa n'ibihugu byo mu Karere u Rwanda ruhereyeyemo.

Ku rundi ruhande, ibitumizwa mu mahanga na byo byazamutseho 28,0 %, biturutse ku bwinshi bw'ibiribwa byatumijwe birimo amavuta yo guteka adatunganyijwe, umuceri, ibikoresho by'ubwubatsi, iby'ubuvuzi, hamwe n'iby'itumanaho.

# U Rwanda rwahawe inguzanyo ya mbere y'amafaranga y'ama- Yen asaga miliyari 15



**MINICOM yagaragaje ko inguzanyo nshya y'ama-Yen izafasha u Rwanda kongera ubwoko bw'amafaranga rukoresha mu kwaka inguzanyo**

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yahawe inguzanyo ya mbere yatanzwe mu mafaranga y'u Buyapani (Yen), ingana na miliyari 15 z'ama-yen, ahwanye na miliyari 138,9 z'amafaranga y'u Rwanda, ikaba ari inguzanyo y'ubucuruzi itangwa mu byiciro bibiri.***

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINICOFIN) yatangaje ko iyi nguzanyo ikubiyemo miliyoni 82 y'ama-Yen, ahwanye na miliyari 140,8 Frw. Iyo nguzanyo yemejwe ku wa 25 Kanama 2026, ikazishyurwa mu gihe cy'imyaka 15.

Ni ubwa mbere u Rwanda rubonye inkunga y'urwego rw'imari mpuzamahanga muri ubu buryo, bikaba biteganyijwe ko bizafasha igihugu kubona amasoko mashya y'imari mu Buyapani no mu bindi bihugu byo muri Aziya.

Ubusanzwe, u Rwanda rwagiye rubona inguzanyo zo hanze cyane cyane ku bigo by'imari mpuzamahanga, ndetse rugakoresha amafaranga arimo amadolari ya Amerika, amayero n'uburyo bwihariye bw'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (SDR).

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yavuze ko iyi nguzanyo nshya izafasha u Rwanda kongera ubwoko bw'amafaranga rukoresha mu kwaka inguzanyo ndetse no kwagura amasoko y'imari rukuramo amafaranga, bityo rukabona uburyo bwagutse bwo kugera ku mari mpuzamahanga.

Yagize iti: "Iki gikorwa cyo gushaka inkunga y'imari kigaragaza ingamba u Rwanda rufite mu micungire y'imyenda, aho rukoresha ingwate zitangwa n'ibigo by'imari mpuzamahanga kugira ngo rubone imari ku buryo buhangana ku isoko, hagamijwe kugabanya ikiguzi cy'umwenda, kunoza uburyo bwo kuwishyura no kubona amasoko ku mari ahamye mu gihe kirekire."

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yavuze ko iyi nguzanyo iri mu ngamba zo kwagura amasoko u Rwanda rubonamo imari, mu gihe rukomeza gucunga neza umwenda warwo.

Yavuze ko igice cy'inguzanyo yatanzwe mu ma-Yen gifungura isoko rishya ry'imari u Rwanda rwifuza gukomeza kwagura no mu gihe kiri imbere. Imari igizwe n'inguzanyo zishyurwa ariko zifite imiterere yorohereza uwazifashe, kandi igategurwa ku bufatanye bugenda bwaguka hagati y'u Rwanda n'Itsinda rya Banki y'Isi, ari yo nkingi y'ingamba z'igihugu zo kwaka inguzanyo.

Yagize ati: "Muri rusange, igizwe n'inguzanyo zifite inyungu zoroheje, itegurwa binyuze mu bufatanye bugenda bwaguka n'Itsinda rya Banki y'Isi, ikomeje kuba inkingi y'ingamba zacu zo kwaka inguzanyo. Ibi bidufasha gukomeza kugira gahunda ihamye yo kwishyura imyenda no kurinda ko umwenda w'igihugu ngo utaba umutwaro udashobora kwihanganirwa."

MINICOFIN ivuga ko igihe cy'imyaka 15 iyi nguzanyo izamara kizafasha Leta kubahiriza inshingano zo kwishyura umwenda mu gihe kirekire.

Amafaranga azava muri iyi nguzanyo azakoreshwa mu bikorwa rusange by'ingengo y'imari, bijyanye na gahunda ya Banki y'Isi yo gutera inkunga politiki z'iterambere igamije guteza imbere imirimo iha abantu akazi kandi mu buryo burambye mu Rwanda.

Minisiteri yavuze ko iyi nguzanyo izafasha mu ivugurura n'ishoramari mu bikorwa remezo, ubuzima n'imirire, uburezi, ubuhinzi, kurengera imibereho myiza y'abaturage ndetse no guteza imbere inganda.

# Perezida Kagame yakiriye Umunyamabanga Mukuru wa AfCFTA

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye mu biro bye, Umunyamabanga Mukuru w'Isoko rusange rihuza ibihugu bya Afurika (African Continental Free Trade Area-AfCFTA), Wamkele Mene.***

Ni amakuru yatangajwe n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu 'Village Urugwiro' binyuze mu itangazo bashyize hanze ku wa 26 Kanama 2026.

Ubutumwa bw'ibiro by'Umukuru w'Igihugu buragira buti: "Ku gicamunsi cyo kuri uyu wa Gatatu, Perezida Kagame yakiriye muri Village Urugwiro Umunyamabanga Mukuru w'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) Wamkele Mene, hagamijwe gushimangira umuhate w'u Rwanda mu gushyira mu bikorwa amasezerano ashyiraho iri soko.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku bikeneye gukorwa n'ibihugu bigize uyu muryango mu gushyira mu bikorwa ibyo byiyemeje, kugira ngo intego rusange yo guteza imbere no kwagura ubucuruzi hagati y'ibihugu bya Afurika igerweho".

Ku itariki ya 1 Mutarama 2021 ni bwo amasezerano ashyiraho Isoko Rusange rya Afurika, African Continental Free Trade Area (AfCFTA) yatangiye gushyirwa mu bikorwa nyuma y'imyaka ibiri ashyizweho umukono n'ibihugu 54 muri 55 bigize Afurika.

Kugeza ubu ibihugu 47 ni byo byamaze kwemeza ayo masezerano, mu gihe u Rwanda ruri mu bihugu birindwi bya mbere byamaze gutangira gukora ubucuruzi binyuze muri ayo masezerano rusange.

Ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano ryitezweho kuzongera ubuhahirane mu bihugu bya Afurika rirasa nk'irigenda biguru ntege kuko nyuma y'umwaka ritangiye, nta mpinduka igaragara irabaho.

Mu ntego za mbere za AfCFTA, ni ukongera ubucuruzi hagati y'ibi bihugu ndetse hakagabanywa amafaranga atangwa mu kuvana ibicuruzwa mu gihugu kimwe cya Afurika bijya mu kindi ku rugero rwa 97%.

Bwa mbere mu 2024, binyuze mu masezerano y'Isoko Rusange rya Afurika (AFCFTA), Guverinoma y'u Rwanda yohereje umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi muri Ghana. Ibyoherejwe byarimo ibilo 400 by'ikawa, ibilo 400 by'icyayi, litiro 100 z'amavuta akomoka kuri avoka.

Hagati aho kuri uyu wa Gatatu kandi, Perezida Kagame yakiriye Monica Geingos, Umugore w'uwahoze ari Perezida wa Namibia akaba n'Umuyobozi w'Ikirenga wa Kaminuza ya Kepler, uri mu Rwanda aho yitabiriye Inama Nyafurika yiga ku Guhindura Imyumvire.


Umugabo we Hage Geignob umaze imyaka irenga ibiri atabarutse ku myaka 82 azize indwara ya kanseri yavurirwaga mu Bitaro byitiriwe Lady Pohamba mu Murwa Mukuru, Windhoek.

Ibiganiro Perezida Kagame yagiranye na Madamu Geingos byibanze ku ruhare rw'uburezi ndetse no kwagura amahirwe y'urubyiruko abaganisha ku iterambere mu Rwanda no ku mugabane wa Afurika.




**Perezida Paul Kagame yakiriye Umunyamabanga Mukuru w'Isoko rusange rihuza ibihugu bya Afurika, Wamkele Mene**

# Perezida Kagame yakiriye Sahr Kpunde usoje guhagararira Banki y'Isi mu Rwanda



**Perezida Paul Kagame yakiriye Sahr Kpundeh usoje inshingano zo guhagararira Banki y'Isi mu Rwanda**

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye Sahr Kpundeh usoje inshingano zo guhagararira Banki y'Isi mu Rwanda, baganira ku bufatanye bumaze igihe kirekire hagati y'u Rwanda na Banki y'Isi, ndetse no gukomeza gushyigikira gahunda z'ingenzi z'iterambere u Rwanda rwashyize imbere.***

Sahr Kpundeh yasezeye kuri Perezida Kagame ku wa Kane 27 Kanama 2026, nk'uko byatangajwe n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu "Village Urugwiro" binyuze mu itangazo bashyize hanze.

Ryagiraga riti: Kuri iki gicamunsi Perezida Kagame yakiriye Sahr Kpundeh usoje inshingano zo guhagararira Banki y'Isi mu Rwanda, baganira ku bufatanye bumaze igihe kirekire hagati y'u Rwanda na Banki y'Isi, ndetse no gukomeza gushyigikira gahunda z'ingenzi z'iterambere u Rwanda rwashyize imbere."

Tariki ya 1 Nzeri 2023, ni bwo Sahr Kpundeh yagizwe Umuyobozi mushya wa Banki y'Isi mu Rwanda, asimbuye Rolande Pryce wahawe izindi nshingano zo guhagarira Banki y'Isi mu bihugu nka Georgia, Armenia na Azerbaijan.

Mu gihe yari ahagarariye Banki y'Isi mu Rwanda, Sahr Kpundeh, yagize uruhare mu bikorwa bigamije guteza imbere umubano w'iyi Banki n'u Rwanda, by'umwihariko mu nzego zitandukanye z'ubufatanye n'iterambere zirimo iz'uburezi, kurandura ubukene, kurwanya imirire mibi, ibikorwa remezo n'ibindi.

Muri Nyakanga 2025, Inama y'Ubutegetsi ya Banki y'Isi yemeje miliyoni 100 z'amadolari ya Amerika (arenga miliyari 144 Frw) azafasha mu kunoza ubwikorezi mu Mujyi wa Kigali binyuze mu mushinga uzwi nka 'Rwanda Urban Mobility Improvement: RUMI'.

Uyu mushinga wibanda ku bwikorezi butangiza ibidukikije, budaheza ndetse bworohera buri wese, witezweho gufasha abaturage kubona amahirwe atandukanye y'umurimo no kubona serivisi zitandukanye.

Mu kwezi k'Ukwakira 2025, na bwo Banki y'Isi yahaye u Rwanda inkunga ya miliyari zirenga 204 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 141 z'amadolari y'Amerika) yo guhangana n'ibiza no guteza imbere ibikorwa bitandukanye bigamije iterambere ry'abaturage.

Ku rundi ruhande, Perezida Kagame yakiriye Ambasaderi Julie Crowley usoje manda yo guhagararira Canada mu Rwanda, baganira ku mubano w'ibihugu byombi n'uko warushaho kunozwa mu nyungu bisangiye.

# Ingabo z'u Rwanda ziri muri Centrafrique zambitswe imidali y'ishimwe



Ingabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'Amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye muri Repubulika ya Centrafrique (MINUSCA) zambitswe imidali y'ishimwe

IMVAHO NSHYA

***Umuryango w'Abibumbye (LONI) wambitse imidali y'ishimwe Ingabo z'u Rwanda za Batayo ya (RWANBATT-2) ziri mu butumwa bw'amahoro muri Centrafrique (MINUSCA) kubera ubwitange, ubunyamwuga ndetse n'umusanzu wabo mu kwimakaza amahoro, umutekano n'ituze muri icyo Gihugu.***

Ni umuhango wabereye aho izo ngabo zikambitse mu gace ka Bossembélé muri Perefegitura ya Ombella-M'Poko ku wa 27 Kanama 2026, uyoborwa n'Umugaba wungirije w'Ingabo za MINUSCA, Maj Gen Maychel Asmi ndetse witabirwa n'abandi bayobozi barimo Guverineri w'Intara ya Ombella-M'Poko, Joseph Dokombo; Umuyobozi wa MINUSCA mu gice cy'Iburengerazuba, Brig Gen Ganselem Lkhagvasuren.

Hari kandi Umuyobozi w'Ingabo z'ibihugu bitandukanye zikorera mu Mujyi wa Bangui, Brig Gen Franco Rutagengwa; Uhagarariye u Rwanda mu bya gisirikare muri CAR, Col Alphonse Gahima ndetse n'abagize Umuryango w'Abanyarwanda batuyeyo.

Maj Gen Asmi yashimye RWANBATT-2 ku bwo gusohoza neza inshingano zayo kinyamwuga n'ubwitange, ishyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za MINUSCA, ashimangira ko umudali wa Loni ugaragaza umusanzu w'umuntu ku giti cye ndetse n'ubwitange bw'umuryango mpuzamahanga mu gushyigikira amahoro n'ituze.

Yagize ati: "Mwambare uyu mudali mwishimye. Ugaragaza ubwitange, imyitwarire myiza, ubunyamwuga no gukorera abaturage ba Repubulika ya Santrafurika."

Maj Gen Asmi yanashimiye uruhare rwa RWANBATT-2 mu gufasha kugarura umutekano watumye abari baravuye mu byabo bagaruka mu ngo zabo.

Umuyobozi wa RWANBATT-2, Col LK Munana, yavuze ko Ingabo zizakomeza gushyira mu bikorwa neza inshingano za MINUSCA no gukomeza kubungabunga ibigwi zubatse binyuze ku myitwarire myiza, ubunyamwuga n'ubwitange.

Yagize ati: "Tuzakomeza gukora neza inshingano twahawe no gukomeza gukorera mu mucyo no mu bunyamwuga kugeza turangije ubutumwa bwacu."

Usibye ibikorwa byo kugarura amahoro muri icyo gihugu, Ingabo z'u Rwanda zikora n'ibindi bikorwa bigamije imibereho myiza y'abaturage ba Santarafurika birimo gukora umuganda, gutanga amaraso n'ibindi.

# U Rwanda na Mozambique bunguranye ubumenyi ku mibereho myiza y'abasirikare

ZIGAMA Theoneste

***U Rwanda na Mozambique bunguranye ubumenyi ku micungire y'imibereho myiza y'abasirikare, hibandwa kuri gahunda z'imibereho myiza zigenewe abasirikare n'imiryango yabo.***

Ibi byabaye nyuma y'uruzinduko rw'akazi rw'iminsi irindwi rw'intumwa za Minisiteri y'Ingabo ya Mozambique mu Rwanda, ziyobowe na Maj Gen Samuel Luluva, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imibereho Myiza y'Abasirikare muri iyo Minisiteri.

Izi ntumwa zasoreje uruzinduko rwazo ku wa Gatanu, tariki ya 28 Kanama 2026, mu nama zagiranye na Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda, Juvenal Marizamunda.

Minisiteri y'Ingabo y'u Rwanda yatangaje ko iyo nama yagaragaje ubushake bw'ibihugu byombi bwo kurushaho guteza imbere ubufatanye busanzwe mu bijyanye n'ingabo, by'umwihariko mu bijyanye na gahunda z'imibereho myiza y'abasirikare.

Mu gihe cy'uruzinduko, abayobozi bo muri Mozambique basuye Ikigo cy'Imari cyo kubika no kugurizanya (ZIGAMA CSS), amaduka y'Ingabo (AFOS), ndetse na gahunda y'ubwishingizi bw'indwara bw'abasirikare izwi nka Military Medical Insurance (MMI).

Basura kandi indi mishinga y'ingabo igamije guteza imbere imibereho myiza y'abasirikare, bagirana ibiganiro ku buryo bunoze bwo gutanga serivisi z'imibereho myiza no gufasha abasirikare n'imiryango yabo.

Uretse ibiganiro n'ubusabane mu rwego rw'akazi, izo ntumwa zasuye kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ndetse n'Ingoro Ndangamurage y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside no kubohora Igihugu.

Aho zasobanuriwe uruhare rw'Ingabo zari iza RPA mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse n'uruhare zagize mu kubungabunga umutekano w'igihugu, kurinda abaturage no kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda nyuma ya Jenoside.

Uku kungurana ubumenyi ku mibereho myiza y'abasirikare kwabaye mu gihe u Rwanda na Mozambique bikomeje gushimangira ubufatanye mu by'ingabo n'umutekano, bukomeje kwaguka nyuma y'uko u Rwanda rwohereje ingabo muri Mozambique muri Nyakanga 2021.

U Rwanda rwohereje ingabo n'abashinzwe umutekano muri Mozambique ku busabe bwa Guverinoma y'icyo gihugu, mu rwego rwo kuyifasha mu kurwanya imitwe y'iterabwoba ikorana n'umutwe wiyitirira Leta ya Kisilamu (Islamic State) mu Ntara ya Cabo Delgado.

Kuva icyo gihe, ibikorwa bihuriweho n'ingabo z'u Rwanda na Mozambique byagize uruhare rukomeye mu kugarura umutekano mu turere dutandukanye, bituma abaturage bari baravuye mu byabo batangira kubigarukamo, amashuri n'ibikorwa by'ubucuruzi na byo byongera gufungura.



Inzego z'umutekano zikomeje imikoranire mu guteza imbere imibereho y'abasirikare

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Gukopera ni ingeso mbi yo kwiyitirira umusaruro w'ibikorwa by'abandi*

Nk'uko umugani w'Ikinyarwanda uvuga uti: "Buhoro buhoro ni rwo rugendo", ni ko buri kintu cyose cy'agaciro umuntu ageraho mu buzima bisaba kugikorera mu kwihangana no gukora igikwiriye, aho guca inzira y'ubusamo, akenshi ishobora gutuma ugera iyo wajyaga ariko utiteguye guhangana n'ibyo uzasangayo.

Imwe mu ngorane Igihugu gishobora kugira ni ukurera no gukuza abana basoje amashuri mu byiciro bitandukanye binyuze mu gukopera, kuko imibereho ya muntu yose yubatswe mu buryo budaha amahirwe abaca ya nzira yo kwiyitira ibikorwa by'abandi.

Mu gihe Isi igenda itera imbere, ubumenyi, guhanga udushya, ubushobozi bwo gutekereza, n'ubumenyi bushingiye ku gushyira mu ngiro ibyo umuntu yize ni bwo bushobora gufasha mu gushaka ibisubizo by'ingorane zivuka buri munsi.

Gukopera si ukujya mu kizamini witwaje ibisubizo bita "gucura inkota" gusa, ahubwo ni ingeso ikurikirana umuntu no mu buzima busanzwe, aho iyo agiriwe icyizere agera no mu nshingano yahawe uburiganya bukaba mu byo akora byose, akaba yakwiyitirira umusaruro w'ibikorwa bya bagenzi be.

Iyo gukopera bibaye ingeso bigira ingaruka zikomeye ku ireme ry'uburezi no ku murimo. Umunyeshuri ukopera ashobora kubona amanota meza adafite ubumenyi bujyanye na yo. Umukozi ukopera igitekerezo cy'undi ashobora gutera imbere ashingiye ku bintu atakoze. Ibi bituma abantu badafite ubushobozi nyabwo bashobora kuzamuka, mu gihe abafite ubumenyi n'umwete wo guhanga ibishya bakomeza kudindira.

Ikindi kandi, gukopera byica icyizere kuko iyo ukoresha uburiganya afashwe biragoye kongera kugirirwa icyizere nk'icyo yagirirwaga mbere. Kwirinda gukopera n'uburiganya ubwo ari bwo bwose bitanga umusaruro urambye ku iterambere ry'Igihugu, kuko ahazaza hubakira ku bahanga b'abanyakuri kandi bafite ubushobozi bwo gutanga ibisubizo bishingiye ku byo bazi, atari ibyo babeshye ko bazi kandi mu by'ukuri ntabyo bazi.

Iterambere rirambye rishingira ku bantu bashoboye gutekereza no guhanga ibisubizo bishya, si ukwiyitirira iby'abandi cyangwa gushaka gushimwa no kubona amanota menshi mu gihe wateshutse ku nshingano yo kwiga no kwihanganira ibisabwa kugira ngo umuntu yubake ubushobozi butuma aba ingirakamaro.

**Ubwanditsi**

# RSSB yaguze imigabane yose ya Inyange Industies na Ruliba Clays Ltd

**IMVAHO NSHYA**

***Urwego w'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rwatangaje ko rwaguze imigabane yose yari isigaye muri Inyange Industries Ltd na Ruliba Clays Ltd, yari isanzwe ifitwe na Crystal Ventures Limited (CVL), bituma ibi bigo byombi biba ibya RSSB 100%.***

Ubusanzwe RSSB yari ifite 40% by'imigabane ya Inyange Industries na 50% by'imigabane ya Ruliba Clays.

Ubuyobozi bwa RSSB bushimangira ko kugura iyi migabane bishimangira icyizere ifitiye imikorere y'ibi bigo n'ubushobozi bifite bwo gukomeza gutera imbere, ndetse bikaba bihuye n'intego zayo Rwanda no mu Karere.

Kuba RSSB ifite 100% by'imigabane muri ibi bigo byayihaye amahirwe yo kubishyigikira mu cyiciro gikurikiraho cy'iterambere ryabyo, hibandwa ku kubaka imiyoborere inoze, kunoza imikorere, gukoresha igishoro mu bushishozi, kwagurira ibikorwa mu Karere ndetse no kubona inyungu zirambye.

RSSB ihamya ko izakomeza gushakisha abafatanyabikorwa b'ingenzi b'ibi bigo ndetse n'amahirwe akwiye ku isoko ry'imari n'imigabane, harimo n'uburyo bwo kwinjira mu bufatanye n'ibindi bigo by'ishoramari cyangwa gushyira imigabane y'ibi bigo ku isoko ry'imari n'imigabane, ibi bikazafasha mu kongera agaciro yacu ni ugufasha mu kubaka ibigo bikomeye, bihangana ku isoko kandi bifite ubushobozi bwo kubyara inyungu, ku buryo bishobora kwagura ibikorwa bikarenga amasoko bisanzwe bikoreramo, bigakurura abafatanyabikorwa bakomeye bityo bigatanga inyungu zirambye ku banyamuryango bacu. Uko ibi bigo bizakomeza gukura no gutera imbere, tuzakomeza gukoresha ubushishozi mu gushakisha amahirwe agamije kubyaza umusaruro ishoramari ryabyo no kuryongera agaciro uko ibihe biha ibindi."

Uretse inyungu z'amafaranga, iterambere rirambye rya Inyange Industries na Ruliba Clays ritegerejweho kugira uruhare mu iterambere ry'inganda mu




**RSSB yatangaje ko yaguze imigabane yose yari isigaye muri Inyange Industries Ltd**

zo kurinda no kongera agaciro k'imari y'abanyamuryango, binyuze mu ishoramari ribyara inyungu mu buryo burambye.

Inyange Industries imaze kubaka izina rikomeye ku isoko kandi ikomeje kugaragaza umusaruro mwiza mu bikorwa by'ubucuruzi ndetse n'iterambere rifatika.

Ni mu gihe Ruliba Clays na yo yinjiye mu cyiciro gishya cyo kwagura ibikorwa nyuma yo kuzuza uruganda rwayo rwa kabiri, ruzatuma ubushobozi yari isanganywe bwikuba inshuro ebyiri. Ibi bikazatanga ubushobozi bw'inyongera bwo guhaza amasoko akomeje kwiyongera mu k'iri shoramari ku nyungu z'abanyamuryango ba RSSB.

RSSB imaze igihe ari umufatanyabikorwa wa CVL mu ishoramari rya Inyange Industries kuva mu mwaka wa 2014, no muri Ruliba Clays kuva mu mwaka wa 2009. Iki gikorwa cyo kugurisha imigabane yose y'ibi bigo gihuye n'ingamba za CVL zo kuva mu ishoramari ry'ibigo bimaze gukura, kwaguka no kugira imikorere ihamye.

Regis Rugemanshuro, Umuyobozi Mukuru wa RSSB, yagize ati: "Kugura imigabane 100% y'ibi bigo birashimangira icyizere dufitiye ubushobozi bwabyo bwo gutera imbere ku buryo burambye. Intego Rwanda, binyuze mu kuzamura urwego rw'inganda zikorerera imbere mu gihugu, guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro rw'imbere mu gihugu, guhanga imirimo no kongera ubwiza bw'ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda bikabasha guhangana ku masoko yo mu karere.

RSSB ikomeje kwiyemeza gushishoza mu ishoramari no kuba maso mu micungire yaryo, hagamijwe kurinda no kongerera agaciro imisanzu y'abanyamuryango, ari na ko iryo shoramari rigira uruhare mu kunganira imikorere inoze ya gahunda z'ubwiteganyirize RSSB ifite mu nshingano.

# Perezida Kagame yabonanye na Thabo Mbeki wayoboye Afurika y'Epfo

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yabonanye na Thabo Mbeki wayoboye Afurika y'Epfo, witabiriye Inama Nyafurika ku kuvugurura no guhindura imyumvire iganisha ku iterambere ry'Umugabane wa Afurika n'abawutuye, baganira ku buryo hakenewe imiyoborere myiza yafasha mu rugendo rwo guhindura imyumvire ya Afurika.***

Umukuru w'Igihugu yakiriye Mbeki ku wa 26 Kanama 2026 nk'uko byatangajwe n'ibiro bye Village Urugwiro binyuze mu itangazo bashyize hanze.

Baganiriye ku ntego z'iyi nama n'uburyo hakenewe imiyoborere myiza kugira ngo imyumvire ibashe guhinduka muri Afurika.

Ubwo yari mu kiganiro yatangiye muri iyi nama, Perezida Kagame yavuze ko nubwo hari imbogamizi nyinshi Umugabane wa Afurika wagiye uhura na zo haba mu iterambere, imyumvire ndetse n'ibindi byawukomye mu nkokora, hari ibyo kwishimira umaze kugeraho.

Ati: "Kuvugurura imyumvire tugomba kuba twibazaho twebwe ubwacu hano kandi mu buryo bukomeye kubera ko iyo dusubije amaso inyuma mu mateka, mu myaka myinshi ishize Afurika yanyuze muri byinshi kandi Afurika hari ibyo yagezeho mu nzego nyinshi, aho ntabwo ari ngombwa kubyibazaho."

Umukuru w'Igihugu yakomeje avuga ko ibibazo bikomeye Afurika yagiye ihura na byo ndetse n'ibya none, byose bifitiwe ibisubizo.

Ati: "Birasa n'aho Afurika ifite ibikenewe byose kugira ngo ibashe gutera imbere. Ifite abaturage, umutungo [...] amateka dukwiye kuba twarigiyemo amasomo menshi ariko usubije amaso inyuma na none buri munsi haba hari ibiganiro ku bijyanye n'Umugabane wacu, haba Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe cyangwa ibindi kandi rimwe na rimwe aba ari twebwe ubwacu tuganira cyangwa rimwe na rimwe ari abandi bantu batuganiraho. Ntabwo twaguma hamwe, aho turi kuganirira ibibazo byacu. Kandi tugakomeza twibeshya ko dushobora kugera aho twifuza kugera ariko ntabwo turagerayo."

Perezida Kagame yavuze ko Abanyafurika bakwiye guhindura imyitwarire yabo kugira ngo impinduka ziboneke kuri uyu Mugabane.



**Perezida Paul Kagame yabonanye na Thabo Mbeki wayoboye Afurika y'Epfo**

# U Rwanda na Uganda mu ngamba zo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka

**IMVAHO NSHYA**

***Itsinda ry'Ingabo z'u Rwanda (RDF) riyobowe na Maj. Gen. Ruki Karusisi, uyobora Diviziyo ya Gatanu y'Ingabo z'u Rwanda, ryitabiriye inama ya munani y'abayobozi b'ingabo bashinzwe ibice byegereye umupaka, yabereye i Mbarara muri Uganda.***

Iyi nama yahuje abayobozi b'Ingabo z'u Rwanda (RDF) n'Ingabo za Uganda (UPDF) ku wa 27 Kanama 2026, mu rwego rwo gukomeza ubufatanye mu kubungabunga umutekano no gukemura ibibazo bishobora kuvuka ku mipaka y'ibihugu byombi.

Ubwo bageraga aho inama yabereye, bakiriwe na Maj. Gen. Paul Muhanguzi yahaye ikaze itsinda rya RDF kandi ashimangira ko u Rwanda na Uganda bisangiye ibintu byinshi birenze umupaka ubihuza.

Yagaragaje ko kugira amahoro k'u Rwanda bituma na Uganda iyagira, kandi ko no kugira amahoro kwa Uganda bituma u Rwanda na rwo ruyagira, ashimangira akamaro ko gukomeza guhuza imbaraga mu kubungabunga umutekano w'abaturage baturiye imipaka y'ibihugu byombi.

Maj. Gen. Muhanguzi yasoje ashimira ko Abagaba b'Ikirenga n'Abagaba Bakuru b'Ingabo z'ibihugu byombi kubw'ubuyobozi bwabo bufite icyerekezo ndetse n'imbaraga bakomeje gushyira mu guteza ufatanye, aho kuba isoko y'umutekano muke cyangwa ubwumvikane buke.

Yakomeje avuga ko abayobozi b'ingabo bafite inshingano zo gukomeza inzira z'itumanaho zifunguye, kongera icyizere hagati y'ingabo z'ibihugu byombi, no kureba ko ibibazo bivutse bikemurwa binyuze mu biganiro no guhuza ibikorwa mu buryo bukwiye.

Maj. Gen. Karusisi yagaragaje kandi ko umubano ukomeye hagati y'u Rwanda na Uganda ari umusingi ukomeye wo kurushaho guteza imbere ubufatanye mu rwego rwa gisirikare.

Iyi nama iri muri gahunda y'inama zikorwa buri gihembwe, zihuriza hamwe




**Aha bari mu nama yahuje abayobozi b'Ingabo z'u Rwanda (RDF) n'Ingabo za Uganda (UPDF)**

Maj. Gen. Paul Muhanguzi, uyobora Diviziyo ya 2 mu Ngabo za Uganda (UPDF), ari kumwe n'abayobozi b'ingabo bamwungirije ndetse n'abandi bakozi ba Diviziyo.

Mbere yo gutangira inama, amatsinda yombi yifatanyije n'abayobozi b'inzego z'ibanze ndetse n'abaturage bo mu Murenge wa Kamwezi, mu Karere ka Rukiga, mu gikorwa gihuriweho cyo gutera ibiti.

imbere ubumwe, ubufatanye n'umubano mwiza hagati y'u Rwanda na Uganda.

Ku ruhande rw'u Rwanda, Maj. Gen. Ruki Karusisi yashimiye abayobozi ba Uganda uburyo bakiriye neza itsinda rya RDF,ashimira ko umupaka uhuriweho n'ibihugu byombi ugomba gukomeza kuba ahantu harangwa n'amahoro, urujya n'uruza rwubahiriza amategeko, ubucuruzi n'ubabayobozi ba RDF na UPDF bafite imitwe y'ingabo ikorera mu bice byegereye umupaka uhuza ibihugu byombi.

Intego y'ibi biganiro ni uguszuma uko umutekano uhagaze, gukemura ibibazo by'umutekano byambukiranya umupaka, gukomeza imikoranire no gushaka ibisubizo birambye ku bibazo bigira ingaruka ku baturage baturiye umupaka.

# Abapolisi 304 basuye Igicumbi cy'Intwari, biyemeza gukomeza umurage wazo



Basobanuriwe ibyaranze Intwari z'u Rwanda biyemeza kuzagera ikirenge mu cyazo

ZIGAMA Theoneste

***Abapolisi bato 304 bari mu masomo ya Officer Cadet mu Ishuri rya Polisi riherereye i Gishari mu Karere ka Rwamagana, basuye Igicumbi cy'Intwari z'u Rwanda giherereye i Remera mu Mujyi wa Kigali, biyemeza gukomeza umurage w'izo Ntwari no kuwusigasira mu nshingano zabo.***

Uru ruzinduko rwabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 29 Kanama 2026, aho aba bapolisi n'abarimu babo babanje guhabwa ikiganiro ku mateka y'u Rwanda, indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira.

Nyuma y'ikiganiro, basuye Igicumbi cy'Intwari, bareba imva n'ibindi bimenyetso byibutsa Intwari z'Igihugu, banasobanurirwa uruhare rwazo mu mateka y'u Rwanda no mu rugendo rwo kubaka Igihugu.

Abapolisi bari muri urwo ruzinduko bavuze ko amasomo bahigiye ku mateka y'Intwari n'indangagaciro zaranze ubuzima bwazo azabafasha kurushaho gusobanukirwa inshingano bafite nk'urubyiruko n'abari mu nzego z'umutekano.

Sgt Nuwamanya Innocent yavuze ko gusura Igicumbi cy'Intwari byatumye bongera gutekereza ku gaciro ko kwitangira Igihugu no gukora ibishoboka kugira ngo ibyo Intwari zaharaniye bikomeze gusigasirwa.



Abo bapolisi basobanuriwe amateka yaranze Intwari z'u Rwanda biyemeza gukurikiza umurage wazo

Yagize ati: "Gusura Igicumbi cy'Intwari bitwibutsa kandi bigatuma twongera kureba icyo bisaba ngo twitange ku gihugu, kugira ngo n'abazavuka tutakiriho bazatwigireho."

Yasabye urubyiruko kwihatira kumenya amateka y'Igihugu, kwirinda ibiyobyabwenge n'ibindi bikorwa bishobora kubangiriza ubuzima ndetse n'ejo hazaza habo.

Ati: "Uruhare rwanjye ni ugukomeza kurinda abantu n'ibintu, ngaharanira ko igihugu cyanjye gikomeza gutera imbere."

Sgt Inyumba Monica yavuze ko yari asuye Igicumbi cy'Intwari ku nshuro ya mbere, avuga ko hari amasomo y'ingenzi yahigiye, cyane cyane ajyanye no kugira umuhate mu nshingano no gukurikiza urugero rw'ababanjirije.

Ati: "Ni ugukomeza gukora cyane nk'abatubanjirije, kugira ngo dutere ikirenge mu cyabo cyatumye baba intwari."

Yavuze ko urubyiruko rukwiye gukoresha imbaraga rufite mu guteza imbere Igihugu no gusigasira umurage w'abagikoreye, anarushishikariza gusura Ibicumbi by'Intwari kugira ngo rumenye amateka y'Igihugu n'indangagaciro zaranze Intwari z'u Rwanda.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubushakashatsi mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO), Rwaka Nicolas, yavuze ko kuba abapolisi bato basuye Igicumbi cy'Intwari ari iby'agaciro, kuko bibafasha kumenya amateka no kwimakaza umuco w'ubutwari.

Yagize ati: "Gusura kw'aba bapolisi bato ni iby'agaciro. Twari tumenyereye gusurwa n'abantu bakuru, wenda batangiye guhabwa amahugurwa y'igihe kirekire, abo bapolisi bato iyo badusuye tuba twizeye ko indangagaciro z'umuco w'ubutwari n'iz'umuco nyarwanda by'umwihariko bigera ku bantu benshi kandi mu gihe gito."

Rwaka yavuze ko urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu gushyigikira gahunda zo kurwanya ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge, ashimangira ko kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda biri mu bifasha kururinda ibikorwa bishobora kurwangiza.

Ati: "Bazadufasha, kuko nta kindi cyatuma ibyo byangiza urubyiruko bigabanyuka uretse kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda."

Yasobanuye ko gusura Igicumbi cy'Intwari nta kiguzi bisaba, ahubwo ko umuntu ku giti cye, umuryango cyangwa itsinda ribishaka bandikira Umuyobozi wa CHENO, bakamenyesha ko bakeneye gusura icyo Gicumbi, bagahabwa igihe n'ibisobanuro ku mateka ahaboneka.

U Rwanda rufite ibicumbi by'Intwari z'Igihugu bitatu. Hari Igicumbi cy'Intwari giherereye i Remera mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, Igicumbi cy'Ubumuntu giherereye mu Karere ka Rubavu, n'Igicumbi cy'Ubunyarwanda giherereye i Nyange mu Karere ka Ngororero.

Rwaka yavuze ko gusura ibi bicumbi bifite uruhare rukomeye mu kumenyekanisha amateka n'umurage byasizwe n'Intwari z'u Rwanda.

Ati: "Iyo bahasuye babasha gusobanukirwa byinshi cyane bikubiye mu mateka n'indangagaciro by'Abanyarwanda tugomba gusigasira. Ni umurage tugomba gukomeza kwigisha, mu nshingano zacu harimo kwigisha cyane cyane abakiri bato umuco w'ubutwari."

Igicumbi cy'Intwari i Kigali kigizwe n'igice gishyinguwemo Intwari z'Igihugu ndetse n'ibindi bimenyetso biranga ubutwari bwazo.

Kuri ubu, icyo Gicumbi cy'Intwari i Kigali kirimo kubakwa no kwagurwa mu rwego rwo kurushaho gusigasira amateka y'Intwari no kwimakaza umuco w'ubutwari.

Muri iyo nyubako nshya hateganyijwe ibice bitatu bizagaragaza amateka y'Intwari zo mu byiciro by'Imanzi, Imena n'Ingenzi. Hazaba kandi harimo ububiko bw'amashusho n'ibindi bikoresho bizifashishwa mu gusobanurira abazasura icyo Gicumbi, baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga, amateka y'Intwari n'umurage zasize.

# Ngororero: Hamenwe litiro 9 100 z'inzoga zitujuje ubuziranenge, hanafungwa inganda 2



**Mu Karere ka Ngororero hamenwe inzoga zitujuje ubuziranenge litiro 9 100**

**NYIRANEZA Judith**

***Mu Karere ka Ngororero mu Mirenge ya Kabaya na Gatumba hamenwe inzoga zitujuje ubuziranenge zakusanyirijwe kuri site y'Umurenge wa Kabaya zingana na litiro 9 100, hafungwa inganda 2 ndetse n'abakekwaho kuzicuruza 27.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 26 Kanama 2026, ahagaragajwe izo nzoga zitujuje ubuziranenge zirimo inzoga gakondo zose zamenwe zingana na litiro 6 363 n'izari mu bubiko zakorewe mu nganda uyu munsi zingana na litiro 2 737.

Zimwe muri izo nzoga zamenwe harimo ibyuma bingana na litiro 1 093, izitwa Huguka, Gumamo, Umurava zo mu Murenge wa Gatumba

Naho mu Murenge wa Kabaya hafashwe inzoga zitujuje ubuziranenge zirimo ibyuma bingana na litiro 1 608, litiro 1 129 zigizwe n'inzoga zitwa Huguka, Gumamo n'Umurava: byose hamwe.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero bwasobanuriye abari kuri site y'ahamenwe izo nzoga zitujuje ubuziranenge ububi bwazo, bunabasaba gukomeza gukangurira ababa bakizifite kuzitanga zikamenwa kuko zangiza ubuzima, zikabangamira imibanire mu muryango.

Nyuma yo gusobanurirwa ububi bwazo, Gatera yagize ati: "Zakururaga umutekano muke koko iyo bazinywaga byakururaga urugomo, amakimbirane mu ngo, ubuharike, ubujura, gusesagura umutungo, kutamenya kwizigamira, kwangiza ubuzima n'ibindi. Kuba zimenwe turiruhukije, Leta irakoze itureberera kandi ikaduhitiramo ibyiza."

Mutabazi we yavuze ko izo nzoga ari mbi, kuko uwo zabase aba atagishoboye gukora. Ati: "Izo nzoga uwo zabase ntakora kuko usanga zica intege, bityo ubukungu n'iterambere ry'umuryango bikahazaharira."

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero, Nkusi Christophe ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Ngororero SP Jean de Dieu Nsengayire, yayoboye igikorwa.

Nkusi yagaragaje ububi bw'izo nzoga, ati: "Turabasaba ubufatanye mu kurwanya inzoga zitujuje ubuziranenge kuko zangiza ubuzima bwacu ariko zikanatera n'ibindi bibazo bitandukanye yaba ari ubusinzi, kurwana abantu bagatemana, ubujura n'izindi ngeso mbi zikomoka ku businzi. Twese dukomeze gufatanya ngo izi nzoga tuzice burundu, bityo tugire umutekano, ubuzima bwiza n'imibanire yacu igende neza mu muryango."

Yakomeje agaragaza ingaruka biteza iyo abantu bishoye mu nzoga zitujuje ubuziranenge.

Ati: "Twese tuzi ko umuryango urangwamo ubusinzi ni wa muryango n'ubusinzi uba udashoboye kandi utiteza imbere, amafaranga abonetse akajyanwa mu nzoga aho gukoreshwa mu guteza imbere umuryango ari mu bukungu ndetse no mu mibereho myiza."

Yongeyeho ati: "Kumena izi nzoga ni ukugira ngo mwe muhari muhavane ubutumwa bwo gushishikariza n'abandi batari bazigaragaza kugira ngo bazizane nazo zivanwe mu baturage ze kuguma mu baturage ngo zibangirize ubuzima."

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero Nkusi, yavuze ko ari intangiriro, ariko ko ubukangurambaga bugikomeje, asaba abaturage gukomeza guhangana n'izo nzoga zitujuje ubuziranenge, bagatanga amakuru kugira ngo zimenwe, kugira ngo harangwe umuryango utuje, imiryango ibanye neza, urubyiruko rutarangwa n'ubusinzi bityo hagerwe ku iterambere rirambye.

# NAEB yahembye ikawa 25 zahize izindi mu bwiza n'uburyohe

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) cyahembye ikawa 25 zahize izindi mu irushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda rizwi nka "Best of Rwanda 2026".***

Iri rushanwa ribaye ku nshuro ya gatatu, aho ikawa 320 zaturutse mu Turere dutandukanye tw'igihugu zasuzumwe n'abasogongezi b'umwuga, maze hatoranywamo inziza zo ku rwego rwo hejuru.

Ibirori byo guhemba abahagarariye ibigo byatanze izo kawa byabereye i Kigali, ku wa Kane, tariki ya 27 Kanama 2026.

Mu byiciro bibiri by'ingenzi by'iri rushanwa, ikawa zo mu Ntara y'Amajyepfo ni zo zaje ku isonga.




**Abitabira amarushanwa y'ubwiza bw'ikawa bakomeje kwiyongera kandi abahize abandi barahembwe**

KOMEZA KU RUP.11

# NAEB yahembye ikawa 25 zahize izindi mu bwiza n'uburyohe

IBIKURIKIRA URUP.10

Mu cyiciro cy'ikawa yatunganyijwe ikuma idatonoye (Anaerobic Natural), ikawa ya K-Organics yo mu Karere ka Huye ni yo yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 90.74%, ikaba ari na yo yari yatwaye umwanya wa mbere mu 2025.

Mu cyiciro cy'ikawa zironze mu buryo bwuzuye (Full Washed), ikawa ya Great Coffee Farmers Ltd, itunganywa n'uruganda rwa Cyeza mu Karere ka Muhanga, ni yo yahize izindi n'amanota 89.74%.

Umuyobozi wa K-Organics, Karangwa Evariste, yavuze ko ibanga ryo kubona ikawa nziza rishingiye ku kuyitaho kuva mu murima kugeza itunganyijwe.

Ati: "Ntabwo dukoresha imiti yangiza ibidukikije. Dusarura ikawa zeze gusa, kuko uburyohe bwayo bujyana n'uburyo isarurwa n'uko itunganywa. Iyo usaruye ikawa yeze neza, bigira uruhare rukomeye ku buryohe bwayo."

K-Organics ni na yo yari yegukanye iri rushanwa mu 2025, aho ikawa yayo yagurishijwe muri cyamunara ku madolari 88 ku kilo, ahwanye n'ibihumbi 126 Frw.

Umuyobozi w'Urugaga rw'abatunganya n'abohereza ikawa mu mahanga (CPAR), Baragahorana Oreste, yavuze ko aya marushanwa ari ingenzi mu kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda no kuyongerera agaciro ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Uko ikawa yatsinze mu 2024 yagurishijwe, no mu 2025 yaragurishijwe kandi dukomeza kuyimenyekanisha no mu mahanga. Dufite icyizere ko uyu mwaka izagurishwa ku mafaranga menshi aruta ay'umwaka ushize."

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Bizimana Claude, yavuze ko iri rushanwa rigamije kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda ku rwego mpuzamahanga, kwagura amasoko, kuzamura igiciro cyayo no kongera amadovize igihugu gikura mu byoherezwa mu mahanga.

Yavuze ko umubare w'abitabiriye iri rushanwa wiyongereye, kuko hakiriwe ikawa 320, ugereranyije na 316 zatanzwe mu mwaka ushize.

Ati: "Muri izi kawa 320 zatanzwe n'amakoperative n'inganda zironga kandi zitunganya ikawa hirya no hino mu Rwanda, 147 ni zo zatsinze icyiciro cya mbere , nyuma yo gusuzumwa no gupimwa n'akanama k'abanyamwuga bo ku rwego rw'igihugu."

Muri izo 147, ikawa 50 zakomeje mu cyiciro cyo gusuzumwa n'akanama k'abasogongezi mpuzamahanga. Izo kawa zasuzumwe n'inzobere zaturutse mu bice bitandukanye by'Isi, maze hatoranywamo 25 zahize izindi.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Telesphore Ndabamenye, yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda ifata ikawa nk'igihingwa cy'ingenzi gifite uruhare rukomeye mu bukungu bw'igihugu no mu mibereho y'Abanyarwanda.

Yasabye abafite uruhare mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa gukomeza gukorera hamwe, kugira ngo "Best of Rwanda" irusheho kuba ikiraro cyo kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Ikawa y'u Rwanda imaze kuba ubukombe ku rwego rw'Isi, aho tugira igiciro cyiza ku rwego mpuzamahanga. Kuzamura ubwiza bw'ikawa ni kimwe no kuyongerera agaciro ni ikindi."

Minisitiri Ndabamenye yavuze ko aya marushanwa ashishikariza abahinzi kongera ubwiza bw'umusaruro, bityo u Rwanda rukagira ikawa nyinshi kandi nziza ishobora guhangana ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Kugira ngo tugire ikawa nziza, bisaba ko bikorwa mu buryo bwa kinyamwuga. Ababyize ni bo basogongera ikawa, bikabanza gukorwa ku rwego rw'igihugu, tukiyambaza n'abaturutse hanze kugira ngo ikawa izatsinde tuyohereze hanze kandi ikomeze guhatana."

Ikawa 25 zatsinze mu "Best of Rwanda 2026" zizagurishwa muri cyamunara ikorerwa kuri murandasi ku itariki ya 21 Ukwakira 2026.

# 2025: Umubyeyi 1 muri 4 yabyaye abazwe

NYIRANEZA Judith

***Umugore 1 muri 4 mu Rwanda, abyara abazwe nk'uko bigaragazwa n'imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), binyuze mu Bushakashatsi bwa 7 ku Mibereho n'Ubuzima (DHS7) bwerekana ko umubare w'ababyara babazwe wiyongereye, aho ugeze kuri 24%.***



Ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho n'ubuzima bwagaragaje ko umugore 1 muri 4 yabyaye abazwe mu 2025

Imibare ya NISR igaragaza ko, abagore 24% babyaraga babazwe mu 2025, bangana hafi n'umugore 1 kuri 4, mu gihe mu 2005 Ubushakashatsi bwa 3 ku Mibereho n'Ubuzima (DHS3), ababyeyi 3% ari bo babyaye babazwe, bigaragaza ko mu 2010 ubwo hagaragazwaga ubwo bushakashtasi ku nshuro ya 4 (DHS4) habazwe 9%, ababyeyi 14% ni bo babyaye babazwe mu 2014/2025 (DHS5) naho DHS 6 mu 2019/2020 imibare y'ababyeyi babyaye babazwe irazamuka igera kuri 17%. Iri zamuka rikaba ryagirana isano n'iterambere muri rusange, ariko by'umwihariko mu rwego rw'ubuzima.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima, OMS, rigaragaza ko iyo igipimo cyo kubyara babazwe kirenze 10%, ntaho biba bigihuriye no kugabanya umubare w'ababyeyi bapfa babyara cyangwa abana bapfa bavuka.

Ubusanzwe kubaga umubyeyi bikorwa byemejwe n'umuganga, hagamijwe gukiza ubuzima bw'umubyeyi n'umwana mu gihe bigaragara ko atabazwe byateza akaga.

# Abanyeshuri 7 188 bakurikiranyweho gukopera ibizamini bya Leta bya 2025/2026

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko abanyeshuri 7 188 bigaga mu mashuri abanza n'ayisumbuye bakekwaho gukopera ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2025/2026.***

MINEDUC yavuze ko kuba hakomeje iperereza kuri abo banyeshuri ari yo mpamvu amanota y'ibizamini bya Leta bakoze ataratangazwa, mu gihe ay'abandi yatangajwe ku wa 20 Kanama 2026.

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, mu kiganiro yagiranye na RBA ku wa Gatanu, tariki ya 28 Kanama 2026, yemeje ko abo banyeshuri bakekwaho gukopera ari bo batari bahawe amanota kubera iperereza rigikomeje.

Yagize ati: "Abo dukoraho iperereza ni 7 188 bakekwaho kuba barakopeye. Iyo ibyo bibazo bigaragaye, amanota y'abo bana bakekwa ntabwo atangazwa kugira ngo hakorwe iperereza."

Minisitiri Nsengimana yavuze ko iperereza ritararangira bitewe n'uwo mubare munini w'abanyeshuri bakekwaho gukopera, ashimangira ko ridakwiye gukorwa



Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yavuze ko amanota y'abanyeshuri bakekwaho gukopera yatindijwe n'uko bakomeje gukorwaho iperereza

mu buryo bwihuse bushobora gutuma umunyeshuri arengana.

Yatangaje ko mu ntangiriro z'icyumweru gitaha ikibazo kizaba cyakemutse, amanota y'abanyeshuri bose akamenyekana.

Ati: "Hari abana benshi bakekwaho gukopera. Ntabwo dushaka kubyihutisha ngo hatagira umwana urengana, kuko tureba inyungu z'umwana. Ni yo mpamvu byafashe igihe. Ku wa 31 Kanama bizaba byakemutse, icyo gihe amanota azatangazwa buri wese amenye aho ahagaze."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), Dr. Bahati Bernard, yavuze ko abanyeshuri bakekwaho gukopera bamenyekanye hifashishijwe uburyo bubiri.

Yasobanuye ko hari abagiye bafatirwa mu cyuho mu gihe bakoraga ibizamini, mu gihe abandi bagaragaye mu gihe cyo gukosora, aho basanze abanyeshuri bo mu kigo kimwe cyangwa mu itsinda rimwe bafite ibisubizo bimwe kandi bitari byo.

Ati: "Hari ubwo abanyeshuri bazana impapuro banditseho ibisubizo, hari abazana telefone. Hari n'igihe turi gukosora ibizamini bya Leta, tukabona abanyeshuri bo mu kigo runaka basubije bimwe kandi babyishe."

Dr. Bahati yongeyeho ko uburyo abanyeshuri bicazwamo mu gihe cy'ibizamini bya Leta butuma abiga ku ishuri rimwe baticara mu cyumba kimwe cyangwa ngo abiga isomo rimwe bicare hamwe.

Avuga ko iyo abanyeshuri batandukanye basanze bafite ibisubizo bimwe kandi bitari byo, bishobora kuba ikimenyetso cy'uko habayeho gukopera.

MINEDUC ivuga ko iyo bigaragaye ko umunyeshuri yakopeye, ahanishwa guhabwa amanota zeru muri icyo kizamini. Mu gihe byagaragaye ko umwarimu cyangwa undi mukozi ushinzwe ibizamini yagize uruhare muri ibyo bikorwa, ahanwa hakurikijwe amategeko.

Imibare ya MINEDUC igaragaza ko abanyeshuri 277 452 bakoze ibizamini bisoza amashuri abanza mu mwaka w'amashuri wa 2025/26, mu gihe abakoze ibizamini bisoza icyiciro rusange (O-Level) bari 149 533.

# Igishoro cya mbere ni ubuzima, mwirinde ibyuma – Dr. Utumatwishima

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah, yasabye urubyiruko kurinda ubuzima bwabo birinda inzoga n'ibiyobyabwenge, abibutsa ko kugira ubuzima bwiza ari kimwe mu bishoro by'ibanze bibafasha kubona no gukomeza imirimo.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Gatandatu, tariki ya 29 Kanama 2026, ubwo yari yitabiriye Umuganda ngarukakwezi wabereye mu Murenge wa Gahanga, mu Karere ka Kicukiro.

Minisitiri Dr. Utumatwishima yavuze ko urubyiruko rukwiye kwirinda ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge, kuko bishobora kubangiriza ubuzima ndetse bikababera imbogamizi mu kubona imirimo.

Yagize ati: "Urubyiruko, uko tugenda tugabanya ibyo twanyoye bikadushiramo, tumenye ko ubuzima bwiza ari cyo gishoro mu kubona umurimo."

Yakomeje avuga ko mu nshingano afite harimo gufatanya n'izindi nzego mu gushakira urubyiruko imirimo, ariko ko hari bamwe babura ayo




Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima yibukije urubyiruko kwirinda inzoga n'ibiyobyabwenge, bakagira ubuzima buzima

mahirwe kubera ibibazo by'ubuzima bifitanye isano n'inzoga n'ibiyobyabwenge.

Ati: "Njyewe mu nshingano zanjye nshinzwe gufatanya n'abandi gushakira akazi urubyiruko, ariko ikibazo ngira nk'umuyobozi mukuru wa Polisi arambwira ngo arashaka abapolisi. Ikizamini cya mbere kibatsinda ni imiterere y'umubiri (physical fitness)."

Yatanze urugero ku rubyiruko rushaka kujya mu kazi k'inzego z'umutekano, avuga ko bamwe bananirwa ibizamini by'imyitozo ngororamubiri kubera kutagira ubuzima n'imbaraga bihagije.

Ati: "Bakubwira umwitozo wa pompage (push-up) 20, wagera ku ya gatanu ibyuma (inzoga) bigasohoka. Bakubwira kwiruka kilometero imwe ukagaruka aho watangiriye ukagira ngo uri nk'umusaza w'imyaka 70. Turabura akazi ka polisi, igisirikare n'utundi kubera nta buzima bwiza dufite."

Minisitiri Dr. Utumatwishima kandi yavuze ko hari urubyiruko rufite ubuzima bwiza ariko rukagira imbogamizi zijyanye n'ubumenyi, aho bamwe bavuga ko barangije amashuri nyamara baragarukiye mu mashuri abanza cyangwa ayisumbuye.

Yasabye urubyiruko gukomeza kwiga no kongera ubumenyi kugira ngo rubashe guhangana n'ibisabwa ku isoko ry'umurimo.

Bamwe mu rubyiruko bitabiriye Umuganda bavuze ko kuba babonye abayobozi bitabira iki gikorwa rusange kandi bakaganira na bo ari isomo ribereka ko Igihugu kibitayeho kandi gishaka ko bagira uruhare mu iterambere ryacyo.

Kwizera Olivier yavuze ko yiteguye kuba umusemburo w'impinduka mu rubyiruko, by'umwihariko mu kubakangurira kwirinda ibiyobyabwenge.

Yagize ati: "Kuza mu muganda nkahahurira n'abayobozi ntasanzwe mpura na bo, bakanatuganiriza, binyereka ko Igihugu kitwitayeho kandi badutegurira ejo hazaza. Natahanye kwiheraho nkagira uruhare mu guhindura bagenzi banjye bakishora mu biyobyabwenge."

Igihozo Sandrine na we yavuze ko ubutumwa yakuye muri uyu muganda ari ubwo gukangurira bagenzi be kwirinda ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge.

Ati: "Ubutumwa nkuye aha ni ukugenda nkabwira bagenzi banjye kwirinda ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge, kuko niba ubuyobozi buhangayikishwa n'uko urubyiruko twabaho ejo hazaza, ni twe tuzaba turi muri izo nshingano. Nitwiyahuza inzoga, itabi n'ibindi, tuzaba duhemutse."

Uyu muganda ngarukakwezi witabiriwe n'abayobozi batandukanye, barimo Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva Samuel, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Iterambere (RDB) Jean Guy Afurika, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Félix Namuhoranye n'abandi.

Hari kandi abanyamahanga bifatanyije n'Abanyarwanda muri uyu Muganda, barimo Mokgweetsi Masisi wahoze ari Perezida wa Botswana, uri mu Rwanda aho yitabiriye inama nyafurika yiga ku kwihaza mu biribwa.

# Mokgweetsi wayoboye Botswana yitabiriye umuganda i Kigali, asigira urubyiruko umukoro



**Masisi wayoboye Botswana yakoreye umuganda rusange mu Karere ka Kicukiro asigira umukoro urubyiruko wo guharanira guteza imbere Afurika**

ZIGAMA Theoneste

***Mokgweetsi Masisi wahoze ari Perezida wa Repubulika ya Botswana, yifatanyije n'abaturage bo mu Mujyi wa Kigali mu gikorwa cy'Umuganda rusange cyabereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Gahanga, asaba urubyiruko kuba intangarugero muri Afurika.***

Masisi yabitangaje ku wa Gatandatu, tariki ya 29 Kanama 2026, anagaragaza ko afitiye u Rwanda urukundo kandi ko ashimira uruhare rw'urubyiruko mu iterambere ry'Igihugu.

Yagize ati: "Nshuti zanjye zo mu Rwanda, nkunda u Rwanda cyane. Hari byinshi naruvugaho, by'umwihariko urubyiruko rwifatanya n'ubuyobozi mu kubaka ibikorwa bifitiye abaturage akamaro, kubaka u Rwanda no kwamagana imyumvire mibi itarufasha mu iterambere."

Masisi yasabye urubyiruko gukomeza gukora neza no kuba urugero rwiza, kugira ngo urundi rubyiruko rwo muri Afurika rubigireho.

Ati: "Muri abanyamahirwe. Nimukomeze gukora ibyo ngibyo kugira ngo n'urundi rubyiruko rwo muri Afurika ruzabarebereho, kuko twese turi abaturage ba Afurika."

Yashimangiye kandi ko urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu kubaka ejo hazaza h'Umugabane wa Afurika.

Ati: "Buri gitondo ujye ubyuka utekereze, wibuke uwo wari we ejo hashize, hanyuma urusheho gutera imbere kuruta uko wari umeze ejo. Kora ku buryo nta muntu usiga inyuma, maze urebe uko Afurika izasubirana umwanya wayo mwiza."

Masisi wabaye Perezida wa Botswana kuva mu 2018 kugeza mu 2024, ari mu Rwanda aho yitabiriye inama nyafurika yiga ku kwihaza mu biribwa iteganyijwe kubera i Kigali.

# Amajyepfo: Umuganda wibanze ku bikorwa byo gukumira ibiza, hasiburwa imirwanyasuri



**Haciwe imirwanyasuri mu rwego rwo gukumira ibiza**

NYIRANEZA Judith

***Umuganda ngarukakwezi usoza ukwezi kwa Kanama 2026, ku wa Gatandatu tariki ya 29, wabereye hirya no hino mu gihugu, wibanze ku bikorwa byo gukumira no guhangana n'ibiza cyane ko hateganyijwe imvura nyinshi muri uyu Muhindo cyane cyane hasiburwa inzira z'amazi, hatunganywa imirwanyasuri.***

Uretse guhangana n'ibiza kandi hanatazwe ubutumwa bukangurira abantu gukomeza kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no kwitegura neza igihembwe cy'ihinga 2027A.

Mu Karere ka Kamonyi, mu myiteguro y'igihembwe cy'ihinga 2027A, Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi, Dr Nahayo Sylvere yasabye abaturage b'i Nyamiyaga guhinga ubutaka bwose budahinze kugira ngo bihaze mu biribwa ari nako bakumira ibiza.

Yagize ati: "Mu kwitegura igihembwe cy'ihinga 2027A, hahingwe ubutaka bwose budahinze kugira ngo dukomeze kwihaza mu biribwa. Ni ngombwa kuzirika ibisenge by'inzu, gusibura imirwanyasuri no gusibura inzira z'amazi hagamijwe gukumira ibiza."

Mu nama n'abaturage bitabiriye umuganda mu Kagari ka Bibungo, mu Murenge wa Nyamiyaga, Umuyobozi wa Polisi muri ako Karere Supt. Habiyakare Jean Damascene yasabye abaturage ubufatanye mu gukora irondo kandi neza bityo bakicungira umutekano. Yanabibukije kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.

Mu gukumira ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, urwego RIB rwibukije abaturage b'i Nyamiyaga ko hari ibihano biteganywa n'itegeko ku muntu wese ukoresha cyangwa ukwirakwiza ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, abasaba ubufatanye mu kwirinda ibyo binyobwa kuko byangiza ubuzima.

Nyuma y'Umuganda Rusange wakorewe mu Murenge wa Gasaka ku rwego rw'Akarere ka Nyamagabe , Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Thadee Habimana, yashimiye abawitabiriye ku musanzu wo gusukura Umujyi batanze, abasaba gukomeza kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge.

By'umwihariko yasabye abaturage kwirinda ibiza anabashishikariza gutegura neza igihembwe cy'ihinga 2027A.

Yagize ati: "Muri iki gihe biteganyijwe ko hazagwa imvura nyinshi kandi ni ngombwa kwitegura neza igihembwe cy'ihinga 2027A mukanitabira kwiyandikisha muri Smart Nkunganire."

Mu gufasha abatishoboye kwishyura Umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza (MUSA), Ishema SACCO Nyamagabe ishyikirije Akarere sheki ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda.

Ku rwego rw'Akarere ka Huye, umuganda rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2026 wakorewe mu Midugudu yose y'Akarere hakurikijwe ibikorwa byateganijwe ku rwego rw'Akarere. Birimo gusibura no guca imirwanyasuri hagamijwe guhangana n'ibiza.

Ku rwego rw'Akarere wabereye mu Murenge wa Kinazi, Akagari ka Sazange; Umudugudu wa Giseke, ahacukuwe imirwanyasuri ku musozi wa Giseke, witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange, abahagariye inzego z'umutekano; abahagarariye bimwe mu bigo bitandukanye bikorera mu mujyi wa Huye n'abaturage mu byiciro binyuranye.

Ibikorwa byakozwe bikubiye mu butumwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) yari yagennye aho umuganda wibanze cyane ku bikorwa birimo Gukumira ibyago biterwa n'imvura, hacukura imiyoboro y'amazi (imiferege) hagamijwe kwitegura imvura nyinshi idasanzwe yitezwe mu minsi iri imbere, mu gihe cy'Umuhindo

Kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge hatangwa ibiganiro n'ubuhamya bijyanye no kwirinda no kurwanya inzoga z'inkorano n'ibindi binyobwa bishobora kwangiza ubuzima bw'abaturage kimwe no kunoza isuku hatemwa ibihuru hanatoragurwa imyanda inyanyagiye hirya no hino.

# Mufatanye n'ubuyobozi gutahura ahaba kakiri inzoga zitujuje ubuziranenge - Dr Nsanzimana



Minisitiri w'Ubuzima uwa 3 uhereye iburyo, Dr. Nsanzimana Sabin yifatanyije mu muganda n'abatuye i Rubavu

NDOLI Sitio

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin yifatanyije n'abayobozi n'abaturage mu muganda rusange wabereye mu Kagari ka Rukoko, Umurenge wa Rubavu, mu Karere ka Rubavu, abasaba gukomeza kugira uruhare mu guhashya inzoga zitujuje ubuziranenge bakorana n'inzego z'ubuyobozi mu gutahura aho izo nzoga zaba zikiri mu baturage.***

Ni umuganda usoza ukwezi wabaye ku wa Gatandatu tariki ya 29 Kanama 2026, wibanze mu gusukura ibigo by'amashuri ndetse no gutunganya imihanda, nyuma y'uyu muganda Abanyarwanda basabwe kureka inzoga zitujuje ubuziranenge ndetse n'ibiyobyabwenge birimo urumogi.

Habimana Faustin wabaswe n'ibiyobyabwenge yagaragaje uburyo inzoga zamugizeho ingaruka zirimo kurwara umwijima.

Yagize ati: "Kubera ibiyobyabwenge nabaye nk'igicucu, abana banjye nta n'umwe wize,, ibiyobyabwenge byantesheje agaciro. Byangizeho ingaruka no ku muryango, mu 2013 ndwara igifu, mu 2014 basanga ndwaye umwijima."

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin yifatanyije n'Ubuyobozi bw'Akarere n'abagize inzego z'umutekano mu muganda usoza Ukwezi kwa Kanama 2026 hatunganywa umuhanda Rukoko - Bisizi wangiritse no gusukura ibigo by'amashuri GS Isangano na GS Kanembwe II.

Yasabye abatuye ako Karere kureka inzoga zitujuje ubuziranenge n'ibiyobyabwenge birimo urumogi rukunze kuhafatirwa ruturutse mu gihugu cy'abaturanyi cya Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo.

Yagize ati: "Mu Karere ka Rubavu, turangije umuganda usoza uku kwezi kwa munani, tukaba uyu muganda by'umwihariko twawuhuje na gahunda Igihugu cyacu kirimo, Abanyarwanda twese turimo yo guca inzoga.

Inzoga zagiye zica abantu, zikarwaza benshi ndetse tunibutsa abanywa inzoga zitari kuri rutonde zitemewe gukorerwa hano mu Rwanda cyangwa gucururizwa hano mu Rwanda ko n'izindi bajya banywa gake byaba byiza kurushaho bakanazireka kuko inzoga zangiza ubuzima."

Yongeyeho ati: " Icya kabiri ntabwo ari inzoga gusa turavuga n'ibiyobyabwenge bindi hari ibyo tuzi cyane cyane aha turi i Rubavu hagiye havugwa kwinjira ku urumogi, rwinjira mu buryo bwa magendo ruturutse mu gihugu duturanye hano hakurya muri metero nkeya y'aha turi. Urumogi narwo rwangiza ubuzima narwo tugomba kuruca rwaba urwinjira ndetse n'ururi mu gihugu."

Yibukije ko amavuriro yiteguye kwakira no gufasha abagizweho ingaruka n'inzoga zitujuje ubuziranenge ndetse n'ababaswe na zo. Yasabye n'ababyeyi gufatanyiriza hamwe mu gukurikirana ko abana baguma mu ishuri, bakaba kure y'ibiyobyabwenge birimo itabi, by'umwihariko iriziwi nka 'vaping', urumogi, inzoga, n'ibindi, mu rwego rwo gukomeza kubaka u Rwanda twifuza kandi rutubereye nk'Abanyarwanda.

# Ntidushaka ko hari umuturage wabura ubuzima ku bishobora kwirindwa -Minisitiri Habimana

HITIMANA Servand

***Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique yasabye abaturage b'Akarere ka Nyagatare gukumira ibishobora kubabuza ubuzima birimo ibyaturuka ku biza ndetse n'inzoga zitemewe, anabasaba kwitegura igihe cy'imvura y'umuhindo bakurikiza inama bagirwa zigamije kwirinda ibiza byaturuka ku mvura n'inkuba.***

Ibi Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu ubwo yifatanyaga n'abaturage bako Karere mu muganda usoza ukwezi, umuganda wibanze ku guhanga imihanda no kuzirika ibisenge by'inzu.

Minisitiri Habimana yabwiye abaturage ko inzego zishinzwe ubumenyi bw'ikirere zagaragaje ko hateganyijwe imvura nyinshi, aho buri wese asabwa kwitegura no kwitwararika ku ngaruka ishobora kugira irimo n'ibiza byayiturukaho.

Ati: "Ibipimo bigaragaza ko tuzagira imvura nyinshi ndetse n'imiyaga, ibi bishobora guteza Ibiza ari yo mpamvu uyu munsi tubasaba kuzirika ibisenge mukabikomeza ndetse mugasibura imiyoboro y'amazi. Dusaba abaturage kandi kwirinda inkuba birinda kureka amazi mu mvura, kugendesha ibirenge mu mvura, kugama munsi y'ibiti gukoresha ibyuma by'ikoranabuhanga mu mvura birimo za telefone n'ibindi. Ibi bizatuma tugabanya ibyago byo kwibasirwa n'inkuba."

Minisitiri Habimana kandi yabwiye abaturage b'i Nyagatare ko igihugu giha agaciro gakomeye umuturage aho ubuyobozi budashaka kubona hari umuturage watwawe ubuzima n'ibyashoboraga kwirindwa.

Ati: "Leta ntishaka kubona hari umuturage wacu waducika akabura ubuzima azize ibyashoboraga kwirindwa birimo ibiza navugaga ndetse n'ibindi bibwangiza birimo n'inzoga zitemewe. Mumaze iminsi mwumva icyemezo Leta yafashe cyo guca ibyuma n'ibindi binyobwa bigira ingaruka ku buzima. Ni mu nyungu zacu nk'abaturage ari yo mpamvu namwe nongeye kubasaba gushyigikira iyi nzira, mukumira izi nzoga mugafasha ubuyobozi kuzica burundu."

Abaturage batuye Rwimiyaga bakoranye umuganda n'abayobozi bo mu nzego zo hejuru bashimye uko bitabwaho ndetse bizeza ko bazashyira mu bikorwa inama bagiriwe.

Mujawimana Annoncee yagize ati: "Twishimiye umuganda twakoranye n'ubuyobozi bwacu ndetse n'ingabo na polisi, tunashima inama twagiriwe zigamije kwita ku mutekano wacu. Tweretswe uko dukwiye kwitwara mu kwirinda ibiza aho natwe abatagezweho ngo bazikirwe ibisenge tugiye gukomeza kubyikorera kugira ngo umuyaga utazadusenyera kandi twarabwiwe."

Akomeza agira ati: "Ubusanzwe inaha haba umuyaga mwinshi cyane ku buryo n'ubundi hari igihe inzu zatwarwaga n'umuyaga, ibi rero bikaba bidusaba gukaza ingamba kubera ko batubwira ko uyu muhindo uzaba ufite umwihariko."

Karuhanga Eddy we yavuze ko yashimye inama bagiriwe ku gukuumira no kurwanya inzoga z'ibyuma n'izindi zitemewe.

Ati: "Inaha dutuye ku mupaka aho abantu benshi bakoresheje izo nzoga kuva na kera zitaratangira gukorerwa mu Rwanda. Zambukaga ziva Uganda zo na Kanyanga ari ubu twasobanukiwe ububi bwazo ndetse twongeye kwibutswa ko n'uwaba yarazihishe tukamumenya tudakwiye kumuhishira kuko zitwicira abantu. Tugiye gufatanya rero mu kuzikumira kugira ngo abaturage bajye mu bifite umumaro bibateza imbere bace ukubiri n'ibiteza umwiryane mu muryango bikanawukenesha."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Kakooza Henry yagaragaje ko kuva aho inzoga zitemewe zikuriwe ku masoko byagabanyije amakimbirane ndetse n'ibyaha by'urugomo.

Ku bijyanye n'ibiza na we yagaragaje ko muri aka karere ari hamwe mu hajya hibasirwa n'inkuba aho n'imvura yaguye mu cyumweru gishize yarimo inkuba zahitanye abaturage babiri barimo uwarimo ayobora amazi mu mvura.

Yagaragaje ko ubu hamaze kuzirikwa ibisenge by'inzu 400 aho agera kuri 200 yose ari mu Murenge wa Rwimiyaga wakorewemo umuganda

# Kayonza: Abaturage bakusanyije miliyoni 21 Frw biyubakira umuhanda wa kaburimbo



**Abaturage bishyize hamwe bari kwikorera umuhanda wa kaburimbo ureshya na metero 600**

**HITIMANA Servand**

***Abaturage 18 bo mu Murenge wa Mukarange, mu Mujyi wa Kayonza, bishyize hamwe bakusanya miliyoni 21 z'amafaranga y'u Rwanda zo kwiyubakira umuhanda wa kaburimbo w'ibilometero 600, mu rwego rwo kurwanya ivumbi n'ibyondo no guteza imbere agace batuyemo.***

Abo baturage batuye mu Mudugudu w'Abisunganye bavuga ko igitekerezo cyo kwiyubakira umuhanda cyaturutse ku cyifuzo cyo gutura ahantu hasukuye kandi hagezweho, nyuma yo kumara igihe bahura n'ibibazo biterwa n'umuhanda w'igitaka.

Bavuga ko mu gihe cy'izuba umuhanda wazamuraga ivumbi ryinshi, mu gihe cy'imvura hakazamo ibyondo n'ubunyereri byabangamiraga abawukoresha.

Ndayiragije Patrice, umwe mu baturage bagize uruhare muri iki gikorwa, avuga ko iterambere ryihuse ry'Umujyi wa Kayonza rituma abantu benshi bahatura, bityo hakaba hakenewe ibikorwa remezo bijyanye n'iterambere ryawo.

Ati: "Uko umujyi wacu ukura byihuse bituma uturwa cyane kandi ukagendwa. Aho usanga imihanda yacu y'ibitaka ihinduka ivumbi rikabije mu gihe cy'izuba. Ni na ko bigenda mu gihe cy'imvura, aho usanga abantu banyerera. Ibyo ni byo byatumye dutekereza gushaka uko twakishakira igisubizo, dukusanya ubushobozi kugira ngo twiyubakire umuhanda wa kaburimbo."

Akomeza avuga ko buri muturage yatanze umusanzu hashingiwe ku bushobozi afite, ku buryo bamaze kubona miliyoni 21 Frw.

Ati: "Uko duturanye, buri wese yatanze uko ashoboye, tubasha kubona miliyoni 21 Frw. Kugeza ubu turi gukora metero 600 z'umuhanda uzadufasha cyane. Ni igikorwa tubona ko kizatuma aho dutuye hasa neza kandi koko hagaragaze isura y'umujyi."

Rwamucyo Samuel, na we uri mu bagize uruhare muri iki gikorwa, avuga ko basanze abaturage bashobora kwishakamo ibisubizo by'ibibazo bibangamiye imibereho yabo, aho gutegereza ko buri gikorwa gikorwa na Leta.

Ati: "Iyo abantu bafatanye urunana, bakungikanya imbaraga, bakora ibyo umuntu umwe atakora. Igikorwa nk'iki, n'iyo mwaba muturanye n'uwo mwita umukire, ntabwo yakwiyubakira umuhanda nk'uyu wenyine kuko uba uhenze. Iyo mushyize byose ku muntu umwe, ntiyakwita ku nyungu z'abandi."

Akomeza agira ati: "Iyo umuntu agaragaje ubushake agatanga uko ashoboye, usanga umunyantege nke asindagizwa n'ukomeye. Bityo bakajyana bahuje umugambi kandi bose bishimiye iterambere bagizemo uruhare."

Rwamucyo avuga ko ubuyobozi bw'Akarere bwabashyigikiye muri iki gikorwa, burimo kubafasha mu kubaka ibiraro byinjira mu ngo no kubaha itaka rya laterite, rikoreshwa mu gutunganya umuhanda.

Ubuyobozi bushima uruhare rw'abaturage

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred, avuga ko igikorwa cy'aba baturage ari urugero rwiza rw'uko abaturage bashobora kugira uruhare mu iterambere ry'aho batuye, ndetse kikaba gifasha n'ubuyobozi mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zabwo.

Ati: "Ni igikorwa cyo gushimira abaturage b'i Mukarange. Gukora umuhanda nk'uriya baba bafashije ubuyobozi, kuko natwe dufite intumbero yo kugira imihanda ya kaburimbo mu rwego rwo gutunganya umujyi wacu. Iyo tubonye abaturage bikorera ibikorwa remezo nk'ibi, tubifata nk'umusanzu ukomeye bateye ubuyobozi bwabo."

Akomeza avuga ko ubuyobozi bw'Akarere buzakomeza kubashyigikira kandi ko ari urugero rwiza ku bandi baturage.

Ati: "Turabashyigikiye kandi ni n'urugero rwiza ku bandi batera ikirenge mu cyabo. Leta iri gukora ibikorwa bitandukanye, birimo kubegereza amazi, amavuriro, amashuri n'imihanda, ariko ntabwo ibikorwa byose bishobora kugerwaho icyarimwe. Kuba hari abaturage bagira uruhare nk'uru ni ingenzi, kandi ubuyobozi buzababa hafi mu rwego rwo kubunganira kugira ngo duteze imbere umujyi wacu."

Kugeza ubu, ibikorwa byo gutunganya uyu muhanda birakomeje, aho abaturage bamaze gutanga hafi 88% by'ubushobozi bukenewe, mu gihe ubuyobozi bw'Akarere bwatanze umusanzu wa 12%.

Umusanzu w'Akarere wibanze ku kubaka ibiraro bijya mu ngo z'abaturage no gutanga laterite ikoreshwa mu gutunganya umuhanda.

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza avuga ko hari n'abandi baturage batangiye kwisuganya kugira ngo bagire uruhare mu kwigezaho ibikorwa remezo no kubaka Kayonza ibabereye, nk'uko biri mu ntero y'abayituye.

# Musanze: Abasaga 500 bazatuzwa mu Mudugudu w'Icyitegererezo biteze ubuzima bushya

NGABOYABAHIZI **Protais**

***Abaturage 547 bagiye kwimurwa ahazagurirwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga bavuga ko bafite icyizere cy'uko kwimurirwa mu Mudugudu w'icyitegererezo uri kubakwa mu Murenge wa Kinigi, Akagari ka Kaguhu, mu Karere ka Musanze, bizabahindurira imibereho n'ubukungu.***

Uwo mudugudu uzubakwa kuri hegitari 50, ukazuzura utwaye asaga miliyoni 259 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 381 Frw), ugamije gutuza iyi miryango mu buryo bujyanye no kubungabunga ibidukikije, mu gihe u Rwanda rukomeje gutegura Kwita Izina ku nshuro ya 21.

Abo baturage ni bamwe mu bazimurwa mu byiciro bibiri, mu rwego rwo gutanga ubutaka buzifashishwa mu kwagura Pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

Abazatuzwa muri uwo mudugudu bavuga ko kuva mu bice byegereye pariki bakajya gutura ahantu hatekanye, bafite amashanyarazi, amazi, amashuri n'ibindi bikorwa remezo, bizabafasha gutangira ubuzima bushya.

Nzabonimpa Augustin, umwe mu baturage bo mu Kagari ka Kaguhu, avuga ko kwimurirwa muri uyu mudugudu ari amahirwe akomeye azabafasha kuva mu buzima bwari bubangamiwe no kuba hafi y'inyamaswa.

Agira ati: "Kuba tugiye kubakirwa uyu mudugudu ni intambwe ndende kandi ikomeye igiye guhindura ubuzima bwacu. Twajyaga tugira ikibazo cyo guhora inyamaswa zitwonera, ubundi zikanaturya."

Akomeza avuga ko kubona inzu nziza arimo amashanyarazi n'amazi bizabafasha kugira imibereho myiza kurushaho.

Yagize ati: "Tugiye gutura mu nzu nziza zirimo amashanyarazi n'amazi, kuko twahoraga tuyasangira n'inyamaswa, na bwo kuyageraho bikadusaba ingendo ndende. Ibi bigiye gutuma dutangira ubuzima bushya bufite amahoro n'ubukungu."

Nzabonimpa kandi avuga ko uyu mushinga ushobora kubafungurira amahirwe y'akazi, cyane cyane mu gihe ibikorwa byo kubaka uyu mudugudu bizaba bitangiye.

Mukamakuza Ester na we avuga ko gutuzwa muri uyu mudugudu ari igikorwa cy'indashyikirwa, kuko bizabafasha gukora ubuhinzi mu buryo bwiza no kubona serivisi z'ibanze hafi yabo.

Yagize ati: "Tugiye kujya dukora ubuhinzi bubyara amafaranga kuko tuzajya duhinga kijyambere, dukure amafaranga mu byo duhinga."

Avuga ko kwimurwa bizanabafasha kuva ku ngorane zo kurinda imyaka nijoro, kuko abagize imiryango basimburanaga mu irondo.

Yagize ati: "Tugiye kubaho tutagombye gukora irondo turinda imyaka nk'uko abagabo bacu babikoraga. Twabisikanaga na bo bava kurinda imyaka, natwe tujya guhinga."




**Hashyizwe ibuye ry'ifatizo ahazubakwa Umudugudu w'icyitegererezo mu Murenge wa Kinigi ahazimurirwa abari batuye ahazagurirwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga**

Mukamakuza avuga kandi ko kubona uburyo bwiza bwo guteka, amashuri, amavuriro n'ibibuga by'imikino bizagira uruhare mu kuzamura imibereho y'imiryango yabo.

Yagize ati: "Tugiye kuruhuka gutekesha ibiti biduteza imyotsi kuko tugiye kujya dutekera kuri gaze. Amashuri, amavuriro n'ibibuga by'imikino bizatuma abana bacu babona aho bakinira heza."

Yongeraho ko kubona serivisi z'ubuzima hafi bizagabanya ingendo ndende bakoraga bajya kwa muganga.

Yagize ati: "Twajyaga tujya kubyara tugakora ingendo tujya ku bitaro mu mujyi wa Musanze, none tuzajya tubyarira hafi y'iwacu kuko hazaba harimo ibitaro, n'abana bacu bigire hafi."

Mukamakuza avuga ko icyo bishimira kurusha ibindi ari ukuba bagiye kuva mu buzima bwo guhora bahangayikishijwe n'inyamaswa zaturukaga muri Pariki.

Yagize ati: "Tugiye kuruhuka amahembe y'imbogo zadusangaga mu ngo zacu ndetse n'impyisi zazaga kurya amatungo yacu na twe ubwacu."

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean Guy Afrika, avuga ko uyu mudugudu uri kubakwa mu rwego rwo guhuza ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije no guteza imbere imibereho y'abaturage.

Avuga ko kwimura abaturage no kubaha amacumbi meza bizajyana no kwagura Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, mu gihe abaturage na bo bazahabwa ubuhinzi bujyanye n'ihindagurika ry'ibihe.

Yagize ati: "Tugiye kubaka uyu mudugudu hagamijwe kubungabunga ibidukikije ndetse no gukomeza gusigasira ubuzima bw'abaturage."

Yongeraho ko ari uburyo bwo kubaka ahazaza aho abaturage bazabana neza n'ibidukikije.

Yagize ati: "Turifuza ko abaturage babana neza n'ibidukikije, kandi turabasaba kubungabunga ibyo bagenda bagezwaho n'ibyo bakomeje guhabwa n'imiyoborere myiza."

Akomeza avuga ko mu myaka 21, abaturage baturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga bagiye bungukira muri gahunda yo gusaranganya inyungu z'ubukerarugendo, aho imishinga igera ku 1 300 yatewe inkunga, ifite agaciro ka miliyari 23 z'amafaranga y'u Rwanda, ikibanda ku bikorwa birimo amashuri, amazi n'amavuriro.

Hateganyijwe kandi ko Uturere duturiye Pariki z'Igihugu tuzakomeza guhabwa inkunga ituruka ku nyungu z'ubukerarugendo, hagamijwe guteza imbere ibikorwa abaturage bakeneye.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, avuga ko yishimiye umushinga wo kubakira abaturage bagomba kwimurwa ahazagurirwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

Avuga ko iyi Pariki ari ingenzi mu kubungabunga ibidukikije, ariko kandi ko ubukerarugendo buyikomokaho ari umusemburo w'iterambere ry'Intara y'Amajyaruguru.

Yagize ati: "Pariki y'Igihugu y'Ibirunga ni igice gikomeye mu kubungabunga ibidukikije. Ikindi, ubukerarugendo muri iyi Ntara yacu ni umusemburo w'iterambere."

Guverineri avuga ko Pariki y'Ibirunga imaze gutera inkunga imishinga 738 ifite agaciro ka miliyari 8 na miliyoni 600 z'amafaranga y'u Rwanda.

Yasabye abaturage kuzabyaza umusaruro amahirwe bazahabwa, birimo ibikoresho by'ikoranabuhanga bizifashishwa mu buhinzi n'ibindi bikorwa, bakanita ku nzu bazatuzwamo.

Yagize ati: "Abaturage bakwiye kubyaza umusaruro uyu mudugudu, bahereye ku bikoresho by'ikoranabuhanga bazahabwa, nko mu buhinzi n'ibindi, kandi bagafata neza inzu bahawe, bakarangwa n'isuku."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique, yashimiye abaturage baturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga uruhare bagira mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, abasaba gukomeza kugira uruhare mu kurengera ibidukikije.

Yavuze ko uyu mushinga wo kubakira abaturage ugamije gushyira umuturage ku isonga, cyane cyane mu iterambere ry'imibereho myiza n'iry'ibikorwa remezo.

Yagize ati: "Uyu mushinga ujyanye n'intego z'igihugu zo guteza imbere umuturage no kubungabunga ibidukikije kuko ari igice cy'ubuzima bwacu bwa buri munsi. Harimo amashyamba, amazi n'ibindi byose bigira uruhare mu buzima bwacu ndetse n'igihugu cyacu."

Minisitiri Habimana yavuze ko Pariki y'Ibirunga ari ishema ry'igihugu, ariko ko kugira ngo ikomeze kubaho no kugira uruhare mu iterambere, ari ngombwa ko abaturage bayibungabunga.

Yasabye abazatuzwa muri uyu mudugudu kuwugira ahantu harangwa n'isuku, ubumwe n'iterambere.

Yagize ati: "Uyu mudugudu uzabe uw'iterambere, urangwe n'isuku ku mubiri, mu rugo no mu nkengero zawo."

Yanaburiye urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge n'ibindi bikorwa bishobora kubangiriza ubuzima, abasaba gukoresha impano zabo mu bikorwa bibateza imbere.

Minisitiri Habimana kandi yasabye abaturage gufata neza inyubako bazahabwa, mu gihe abashinzwe kubaka uyu mudugudu na bo yasabye gukorana n'abaturage no kuzuza imirimo ku gihe.

Uyu mudugudu w'icyitegererezo uteganyijwe gutuzwamo imiryango 547, ukazatwara asaga miliyoni 259 z'amadolari ya Amerika; ukazaba umwe mu mishinga igamije guhuza kwagura ahantu hakomye ku rusobe rw'ibinyabuzima n'imibereho myiza y'abaturage bagiye kwimurwa.

# Iburasirazuba: Haracyari icyuho cya 40% y'ibiti biterwa ntibikure

HITIMANA Servand

***Ubuyobozi bw'Intara y'Iburasirazuba bwatangaje ko gahunda yo gutera amashyamba ikirimo icyuho cy'umubare munini w'ibiti biterwa bikangirika bidakuze, bimwe byangizwa n'ibikorwa by'abaturage n'imitere karemano y'aho biba byatewe, ku buryo ibigera kuri 40% byose bidakura, aho bidindiza icyerekezo cyo kugera ku ntego yo kugira Intara ifite ubudahangarwa ku mihindagurukire y'ibihe.***

Bamwe mu baturage bavuga ko bumva akamaro ko kongera amashyamba na gahunda zo kwita ku bidukikije, abandi bakaba bataragira imyumvire ihagije ku kamaro k'ibiti bakagereranyije n'ibindi bikorwa byabo bya buri munsi.

Abatuye mu Murenge wa Rwempasha mu Karere ka Nyagatare hafi y'umugezi w'Umuyanja bagaragaza ko ibiti byinshi byahatewe nta na kimwe kikiharangwa.

Mutsinzi Steven agira ati: "Uyu Mutara wacu wahoze ari umwiyanike ariko ubona ko ikirere kigenda kiba cyiza. Mbona biterwa n'izi gahunda za Leta zo gutera amashyamba. Gusa usanga ibiterwa mu butaka bwa Leta bikura, ariko ibyinshi mu biterwa mu mirima y'abaturage n'aho aborozi bashora inka birangirika."

Akomeza agira ati: "Urabona nk'ibiti byari byaratewe ku mugezi w'Umyanja byarashize byangizwa n'amatungo n'uburyo ababitera hari aho badaha abaturage amakuru ahagije ku kamaro k'ibiti kuko buriya twese ntitwumvira rimwe. Iyo uteye igiti mu murima w'umuturage umubwiye ko gikurana n'imyaka hari igihe yanga kukugisha impaka ariko uko ahinga akakijya mu mizi kikarunduka agamije ko kibisa imyaka ye."

Mu rwego rwo gufasha abaturage kumva neza umumaro w'iterwa ry'amashyamba ubuyobozi bugaragaza ko hagiye hategurwa imishinga itandukanye y'ishoramari ifitanye isano no kurengera ibidukikije bikazatanga inyungu ku baturage.

Harimo nk'imishinga ishingiye ku bworozi ahaterwa ubwoko bw'ibiti bigaburirwa amatungo umukamo ukiyongera, ishingiye ku buhinzi ndetse no gukorana n'ibigo by'imari.

Abaturage bakora ubworozi bw'inzuki mu Murenge wa Nyamugari mu Karere ka Kirehe nabo bavuga ko aho inyigisho zo kwita ku biti zafashe bitanga umusaruro kuko umuturage abona inyungu zinyuranye zikomoka ku kurengera ibidukikije.

Rukeribuga Jean Pierre agira ati: "Twebwe tworora inzuki turi abahamya b'umumaro w'amashyamba. Mbere inzuki zacu ntizatindaga mu mizinga kuko zahitaga zica kubera kubora aho zihova. Aho imisozi yacu itereweho amashyamba ubu ubuvumvu bwacu buri gutera imbere."

Ati: "Mbona ibikwiye gushyirwamo imbaraga ari ugusobanurira abaturage umumaro w'ibiti biri guterwa aho batuye, bakabyitaho bumva ko ari ibije gufasha kugira imibereho myiza ndetse n'iterambere."

Mukwiye Donat we agira ati: "Mu biti biterwa hari n'ibidakura kubera ubutaka bw'aho byatewe budatuma bikura vuba.Iyo bititaweho ngo bige birindwa udukoko tubyangiza usanga byarashizeho. Numva bikwiye kuba ishingano za buri wese unyura ku giti kureba ibikibangamiye akabigikiza."



Haracyari imbogamizi ku mubare munini w'ibiti biterwa ntibikure

Hari imishinga itandukanye ikora ibikorwa bijyanye no kongera amashyamba no kurengera ibidukikije aho mu haterwa ibiti harimo no mu mirima y'abaturage ndetse no ku nkengero z'imigezi.

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba Rubingiza Pudence asaba abari muri iyo mishinga bose kugira ubufatanye mu gukuraho icyuho cy'ibiti byinshi biterwa ntibikure.


Ati: "Dufite imishinga ishyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo guha intara yacu ubudahangarwa ku ihindagurika ry'ibihe, ubu ibiti birenga 40% mu byo dutera biracyangirika bitarakura. Turasaba ko twese dufatanya mu kugabanya iki cyuho, tugasuzuma impamvu zibitera zose hanyuma tugashaka ibisubizo. Kimwe muri byo ni ukongera ubukangurambaga mu bagenerwabikorwa ngo nabo bagire uruhare mu kurinda ibiti baba baterewe cyangwa byatewe hafi y'aho batuye badufashe kubirinda nk'ibyabo."

Muri gahunda y'imyaka 2 (2026-2027) hateganyijwe guterwa ibiti bigera kuri miliyoni 4. Ni gahunda izashyirwa mu bikorwa n'inzego za Leta zirimo Ikigo gishinzwe Amashyamba RFA ku bufatanye n'abafatanyabikorwa.



Mu myaka 2 hagiye guterwa ibiti miliyoni 4, hakifuzwa ko umubare w'ibyangirika wagabanyuka

# Musanze: Abikorera biteze inyungu nyinshi mu Kwita Izina




**Abanyamusanze bari mu myiteguro yo Kwita izina abana b'ingagi 22**

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu gihe hasigaye iminsi mike ngo mu Rwanda habe umuhango wo Kwita Izina abana b'ingagi ku nshuro ya 21, abaturage n'abikorera bo mu Karere ka Musanze aho ibyo biriro bizabera, batangiye imyiteguro, bizeye ko urujya n'uruza rw'abashyitsi ruzabafungurira amahirwe mashya y'ubucuruzi n'akazi bityo ibyo bakora bikagurwa ku bwinshi.***

Uwo muhango uteganyijwe ku wa 4 Nzeri 2026 mu Kinigi, aho abana b'ingagi 22 bazahabwa amazina. Biteganyijwe ko uzitabirwa n'abashyitsi benshi basura Musanze n'ibice bikikije Pariki y'Ibirunga.

Ku bacuruzi, abanyabukorikori, amahoteli n'abatanga izindi serivisi, Kwita Izina si umuhango wo kwishimira gusa, ahubwo ni n'umwanya wo kubona abakiriya bashya, kumenyekanisha ibikorwa byabo no kongera inyungu.

Abanyabukorikori bo mu Karere ka Musanze bavuga ko biteguye gukoresha uyu muhango mu kumenyekanisha no kugurisha ibihangano byabo birimo imitako, imyambaro gakondo n'ibindi bikoresho bigaragaza umuco nyarwanda.

Nzabahimana Alphonse, ukorera ibikorwa by'ubukorikori mu Murenge wa Kinigi, avuga ko abashyitsi bazitabira Kwita Izina ari amahirwe yo kubona abakiriya bashya no kwagura isoko.

Ati: "Kwita Izina ni amahirwe adasanzwe. Abashyitsi baturutse hirya no hino bazatuma ibihangano byacu bigira isoko kandi tubone n'abakiriya bashya."

Kubwayo Norbert, ufite akabari na resitora mu Mujyi wa Musanze, avuga ko bamaze kunoza isuku no gutegura serivisi bazaha abakiriya.

Ati: "Turimo kwitegura cyane, dusukura aho dukorera ndetse twakoze n'igenamigambi ry'ibiribwa n'ibinyobwa tuzatanga. Tuzi ko abashyitsi bazaba benshi. Uyu ni umwanya wo kubona abakiriya bashya."



**Ibikoresho by'ubukorikori bitegereje kuzagurishwa mu minsi yegereje Kwita izina**

Mu mahoteli na ho imyiteguro irakomeje. Rukundo Bernard, ushinzwe kwakira abashyitsi muri imwe mu mahoteli yo muri Musanze, avuga ko abakozi bahawe amahugurwa agamije kunoza serivisi, mu gihe ibyumba byinshi byamaze gufatwa.

Ati: "Abakozi bacu bahawe amahugurwa mashya yo kunoza serivisi. Ubu ibyumba bigera kuri 80% byamaze gufatwa n'abakiriya bo mu Rwanda no hanze yarwo."

Kwita Izina uyu mwaka ntikuzaba igikorwa cy'umunsi umwe gusa. Hazabaho ibikorwa bitandukanye birimo imurikagurisha ry'ibikorwa by'ubukerarugendo no kubungabunga ibidukikije, gusura ingagi, kwerekana filime n'imyidagaduro bizabera i Musanze no mu tundi duce.

Ibi bibaye mu gihe imibare y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) igaragaza ko ubukerarugendo bukomeje kugira uruhare rukomeye mu bukungu bw'u Rwanda.

Mu 2025, uru rwego rwinjirije u Rwanda miliyoni 685 z'amadolari, buvuye kuri miliyoni 647 z'amadolari mu 2024, ni ukuvuga izamuka rya hafi 5.9%.

Muri uwo mwaka, u Rwanda rwakiriye abashyitsi miliyoni 1,49, naho Pariki z'Igihugu zakira abarenga 155 000, zinjiza miliyoni 40, 8 z'amadolari y'Amerika.

Pariki y'Ibirunga ni yo yakomeje kuza imbere mu kwinjiza amafaranga menshi, aho yinjije hafi miliyoni 35, 8 z'amadolari.

Mu rwego rwo gutuma abaturage baturiye Pariki bungukira ku bukerarugendo, gahunda yo gusaranganya amafaranga y'ubukerarugendo itanga 10% by'amafaranga yinjizwa na Pariki z'Igihugu, agashyirwa mu mishinga y'iterambere ry'abaturage.

RDB ivuga ko kugeza ubu amafaranga arenga miliyari 23 z'amafaranga y'u Rwanda amaze gushorwa mu mishinga igera ku 1 300, irimo amashuri, amavuriro, amazi n'indi mishinga igamije guteza imbere imibereho y'abaturage.

Mpabwanayo Flodouard, utuye hafi ya Pariki y'Ibirunga, avuga ko abaturage bamaze kubona inyungu z'ubukerarugendo.

Ati: "Ubu dufite amashuri n'amavuriro byubatswe n'amafaranga ava mu bukerarugendo. Natwe tubona akazi gaturuka ku bashyitsi baza gusura Pariki. Ni yo mpamvu tubona ko ingagi ari umutungo wacu kandi tugomba kuzibungabunga, mu gihe mu myaka myinshi yashize tutamenyaga aho amafaranga ava ku bukerarugendo arengera."

Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Musanze, Kayiranga Theobard, avuga ko Kwita Izina ari amahirwe ku baturage n'abikorera, ariko ko inyungu bazakura muri uyu muhango zizashingira ku buryo abashyitsi bazakirwamo.

Ati: "Abafite amahoteli, abacuruzi, abategura amafunguro n'abandi batanga serivisi bagomba gushyira imbere isuku, ubuhanga n'ubupfura. Serivisi inoze ni yo izatuma Musanze ikomeza kuba indorerwamo y'ubukerarugendo bw'u Rwanda."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, na we yasabye abaturage kwitabira uyu muhango no kwakira neza abashyitsi.

Ati: "Kwita Izina ni umunsi w'ibyishimo mu Ntara yacu, kuko Isi yose iba iduhanze amaso. Ni n'umwanya wo gukora, abikorera bakabona amafaranga. Turabasaba gutanga serivisi nziza no kugira isuku muri byose."

Yasabye kandi abaturiye Pariki y'Ibirunga gukomeza kuyibungabunga, kuko ubukerarugendo bushingiye ku rusobe rw'ibinyabuzima ari imwe mu nkingi z'iterambere ry'akarere.

Kuva umuhango wo Kwita Izina watangira kuba ngarukamwaka mu 2005, hamaze kwitwa amazina abana b'ingagi 438.

# Abanyarwanda 406 batahutse bavuye mu mashyamba ya RDC

NDOLI SITIO

***Abanyarwanda 406 batahutse bavuye mu mashyamba yo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ku wa Gatatu tariki ya 26 Kanama 2026, banyuze ku mupaka wa Grande Barrière mu Karere ka Rubavu, bakaba barimo abagabo 33, abagore 97 n'abana 276 bo mu miryango 125.***

Bamaze kwakirwa n'ubuyobozi, bahise berekezwa mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi, mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi, aho bazahabwa ubufasha butandukanye burimo ibyangombwa, ibikoresho n'amafaranga yo kubafasha gutangira ubuzima bushya.

Bamwe mu batahutse bagaragaje ibyishimo nyuma yo kuva mu buzima bavuga ko bwari bushaririye, ndetse bavuga ko bamaze imyaka myinshi batarataha kubera amakuru y'ibinyoma bahabwaga n'abarwanyi b'umutwe wa FDLR.

Twubahane Phenias w'imyaka 43, umwe mu batahutse, yavuze ko yaturutse muri Masisi, mu gihe mu Rwanda akomoka mu yahoze ari Komini Gaseke, muri Perefegitura ya Gisenyi.

Yavuze ko icyatumye amara imyaka myinshi muri RDC ari amakuru y'ibinyoma yabwirwaga ko mu Rwanda nta mutekano uhari, ndetse ko umuntu wese uhageze yicwa.

Ati: "Nahunze mu 1994, nari ndi Masisi, ariko ubuzima bwari bubi ku buryo twahoraga twumva amasasu. Batubwiraga ko mu Rwanda nta mahoro ahari ndetse n'uhageze bamwica. Ariko uko batwakiriye ni byiza cyane."

Twubahane yavuze ko muri RDC yasize umugore utwite n'abana babiri, avuga ko namara kubona ibyangombwa byose azabatumaho bakaza bakabana mu Rwanda.

Yashishikarije abandi Banyarwanda bakiri mu mashyamba ya RDC gutaha, kuko ibyo babwirwa ku Rwanda yabonye ko ari ibihuha.

Ati: "Ndashishikariza bagenzi banjye nsizeyo ko bataha, kuko bya bindi byose bumva twasanze ari ibihuha."

Sekabuhoro Leonard, waturutse muri Teritwari ya Rutshuru, yavuze ko yahungiye muri RDC mu 1994, akomoka mu yari Komini Nkuri, muri Perefegitura ya Ruhengeri.

Ati: "FDLR yatubwiraga ko tuba turetse gutaha ko izafata igihugu ikaducyura, ndetse ko uhungutse ugeze mu Rwanda wese yicwa. Natwe tugira ubwoba bituma tudataha."

Sekabuhoro yavuze ko nyuma yaje kubona umuturage bari baturanye wamusabaga gutaha, na we agatangira kubitekerezaho, kugeza ubwo afashe icyemezo cyo kugaruka mu Rwanda.

Yavuze kandi ko ubuzima bwo mu mashyamba bwamugizeho ingaruka, cyane cyane kubera imirire mibi. Yageze mu Rwanda arwaye gusesera ndetse afite ibirenge byabyimbye.

Yasobanuye ko n'ibyo bahingaga basaruraga, abarwanyi ba FDLR bajyaga kubisahura, ibintu avuga ko byatumye asanga ibyo yabwirwaga n'uwo mutwe bitandukanye n'ukuri yabonye.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Mulindwa Prosper, yavuze ko Leta y'u Rwanda ihangayikishijwe n'Abanyarwanda bakiri mu mashyamba ya RDC, cyane cyane abafashwe bugwate n'imitwe yitwaje intwaro.

Yavuze ko abatahutse batagiye gutangira ubuzima bushya ku busa, ahubwo ko Leta izabafasha kubona ibyangombwa n'ubundi bufasha bwo kongera kwiyubaka.

Ati: "Mwinjiye mu gihugu cyiza cy'isezerano ryanyu, mugire uruhare mu gucyura bagenzi banyu basigaye mu mashyamba ya Congo, bazane abana bige. Iyo twumvise abaturage bacu bari mu buhungiro biratubabaza. Ntabwo muzongera guhunga ukundi, kuko igihugu cyanyu mugifitemo uburenganzira."

Yakomeje agira ati: "Turabashimira ko mwasobanuriwe mukamenya ukuri, mukabasha kwigobotora ingoyi yatumaga mudatahuka. Muraza gukomeza gufashwa nk'abandi Banyarwanda, bishingiye kuri politiki y'u Rwanda yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage."

Mulindwa yavuze ko abatahutse bazahuzwa na gahunda zitandukanye za Leta zigamije kubafasha kwivana mu bukene, zirimo Girinka n'izindi gahunda z'iterambere.

Abo Banyarwanda 406 batahutse bagiye kuba baba mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi, mu Murenge wa Nkungu, Akarere ka Rusizi.

Muri iyi nkambi biteganyijwe bazigishwa indangagaciro z'umuco nyarwanda, bahabwe ibyangombwa ndetse n'ibikoresho n'amafaranga bizabafasha gutangira ubuzima bushya mbere yo kujyanwa mu turere bakomokamo.

Aba Banyarwanda 406 biyongereye ku bandi barenga 7 000 bamaze gutahuka bavuye muri RDC kuva muri Mutarama 2025, kugeza muri uku kwezi kwa Kanama 2026, biganjemo abavuye mu mashyamba yo mu Burasirazuba bw'iki gihugu.



Abanyarwanda basaga 400 babaga mu mashyamba ya RDC batahutse

# Rulindo: Ahereye ku bihumbi 50 Frw ageze ku mutungo wa miliyoni 18 Frw




**Uwizeyimana avuga ko isabune yamuteje imbere, ituma asirimuka**

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Uwizeyimana Marie, umugore w'imyaka 51 wo mu Mudugudu wa Nyirataba, Akagari ka Taba, Umurenge wa Tumba mu Karere ka Rulindo, avuga ko ubuzima bwe bwahindutse nyuma yo kwiga gukora amasabune, akabibyaza umusaruro atangiriye ku gishoro cy'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 50 gusa.***

Uwo mugore wahoze atungwa no guca inshuro, avuga ko kuri ubu gukora amasabune byamufashije kwihangira umurimo, guha akazi abandi, kwishyurira abana amashuri no kwishakira umutungo ubarirwa muri miliyoni 18 z'amafaranga y'u Rwanda.

Yagize ati: "Nari umugore urya ari uko mvuye guca inshuro. Isabune nayibonaga bingoye, kandi iyo umugabo yabaga adafite amafaranga yo kuyigura nabwo byabaga ikibazo, no kurya ubwabyo byari ikibazo."

Uwizeyimana avuga ko amahirwe yo guhindura ubuzima bwe yayabonye binyuze mu itsinda ryo kwizigamira yari arimo, aho bamwe mu banyamuryango batoranyijwe kugira ngo bahabwe amahugurwa y'umwuga. Muri abo bagore ni ho na we yatoranyijwe, ahabwa amahugurwa yo gukora amasabune mu 2017.

Avuga ko ubwo amahugurwa yayabonaga, yahise atangira gutekereza uko ubumenyi yari yungutse yabubyaza umusaruro, aho gukomeza guca inshuro.

Yagize ati: "Namenye gukora amasabune niyemeza kuyashoramo. Natangije n'amafaranga make nari maze kubona mu bantu bansabaga kujya kubahugurira mu ngo zabo. Ayo mafaranga ndayakusanya nyagura ibikoresho birimo amaforomo yo gukora isabune harimo izo bita iz'imiti, indobo, amabase n'ibindi."

Nyuma yaho, yagiye muri SACCO, ahabwa inguzanyo y'amafaranga ibihumbi 50, ayabyaza umusaruro atangira gukora amasabune akomeye n'ay'amazi.

Yagize ati: "Ibyo bihumbi 50 nakuye muri SACCO narabikoresheje nkora isabune ikomeye, bita isabune y'umuti n'iy'amazi. Buhoro buhoro nza kubona ko ibi bintu bishobora kumpindurira ubuzima, kandi isabune ni igikoresho gikenewe muri sosiyete, ubu usanga abafite za hoteli, resitora n'ahandi baba banshaka ngo mbahe isabune kimwe n'abaturage."

Uwizeyimana avuga ko icyorezo cya COVID-19 cyaje kongera kumwereka ko yari yahisemo umwuga ushobora kumwinjiriza amafaranga, kuko isuku yari yashyizwe imbere mu gukumira ikwirakwira ry'indwara.

Yongera umusaruro, akomeza gushaka abakiliya no kongera igishoro, kugeza ubwo ibikorwa bye bitangiye kwaguka.

Kuri ubu afite abakozi batatu avuga ko bahembwa neza, ndetse we ubwe akaba atajya munsi y'umushahara w'ibihumbi 300 by'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi, nyuma yo gukuramo amafaranga akoresha mu bikorwa bye.

Yagize ati: "Iyo nahembye abakozi banjye ndetse nakuyemo ayo naguze ibikoresho, nsanga umushahara wanjye ari ibihumbi 300Frw."

Uwizeyimana avuga ko inyungu yakuye mu gukora amasabune itarangiriye ku kumutunga no kwishyurira abana amashuri, ahubwo yamufashije kuvugurura inzu ye, yaguze inka ifite ndetse n'ikibanza.

Yagize ati: "Gukora isabune byatumye abana banjye biga amashuri, kugeza ubwo umukuru yiga muri kaminuza. Byatumye mba ahantu hasobanutse, n'inyubako yanjye ndayivugurura ifite agaciro ka miliyoni 9 Frw, mfite inka ihagaze miliyoni 1, naguze ikibanza kiri hafi y'umuhanda cya miliyoni 4 Frw. Iyo mbaze neza nsanga isabune yarangejeje ku mutungo wa miliyoni 18."

Uretse uyu mutungo, Uwizeyimana avuga ko yatangiye no kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza, agamije kugira ubuzima bwiza mu gihe cy'izabukuru.

Asaba cyane cyane abagore kudategereza igishoro kinini kugira ngo batangire gukora, ahubwo bagakoresha ibyo bafite hafi yabo, bakabyaza umusaruro ubumenyi n'amahirwe babona.

Yagize ati: "Ibintu byose ni ugutekereza. Nzi umugore mugenzi wanjye watangiye agurisha imboga ku mifungo, yiyemeza kuzihinga iwe akoresheje icyo bita akarima k'igikoni. Yaje kugera aho ahinga igice cya hegitari, none ubu yabigize umwuga, agemurira imboga ibigo by'amashuri mu gace k'iwacu."

Yongeraho ati: "Uratekereza neza, ukabona icyo ufite hafi yawe, ukagitangira uko ushoboye, amafaranga akagenda aza."

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Judith Mukanyirigira, asaba abagore gukoresha amahirwe ari mu miryango yabo no mu bice batuyemo, bakiga imyuga kandi bakayihinduramo imishinga ibinjiriza amafaranga.

Mukanyirigira avuga ko Akarere gashaka ko abagore n'urubyiruko bataba abashaka akazi gusa, ahubwo banahinduka ba rwiyemezamirimo bashobora kwihangira imirimo ndetse bagaha akazi abandi.

Yagize ati: "Turashishikariza abagore kwiga imyuga no gutinyuka gutangira imishinga, n'iyo yaba mito. Icy'ingenzi ni ukumenya amahirwe ari hafi yawe, ukagira igitekerezo, ukagishyira mu bikorwa kandi ukamenya gucunga neza amafaranga ubona."

Yongeraho ko abagore bafite uruhare runini mu iterambere ry'imiryango n'Akarere muri rusange, bityo ko gukomeza kubongerera ubumenyi mu myuga, mu micungire y'imari no mu bucuruzi ari ingenzi.

Akarere ka Rulindo kashyize mu by'ingenzi guteza imbere ba rwiyemezamirimo, gutanga amahugurwa y'imyuga, gufasha imishinga mito n'iciriritse kubona serivisi zo kuyiteza imbere no gushishikariza abagore kwinjira mu bikorwa by'ubukungu. Muri gahunda y'iterambere y'Akarere ya 2024–2029, harimo intego yo gushyigikira imishinga 102 ibyara inyungu n'akazi, ndetse no gutanga amahugurwa y'igihe gito y'imyuga ku rubyiruko, abagore n'abandi bafite intege nke.

Uwo mugore wahoze atungwa no guca inshuro, avuga ko kuri ubu gukora amasabune byamufashije kwihangira umurimo, guha akazi abandi, kwishyurira abana amashuri no kwishakira umutungo ubarirwa muri miliyoni 18 z'amafaranga y'u Rwanda.

Yagize ati: "Nari umugore urya ari uko mvuye guca inshuro. Isabune nayibonaga bingoye, kandi iyo umugabo yabaga adafite amafaranga yo kuyigura nabwo byabaga ikibazo, no kurya ubwabyo byari ikibazo."

Uwizeyimana avuga ko amahirwe yo guhindura ubuzima bwe yayabonye binyuze mu itsinda ryo kwizigamira yari arimo, aho bamwe mu banyamuryango batoranyijwe kugira ngo bahabwe amahugurwa y'umwuga. Muri abo bagore ni ho na we yatoranyijwe, ahabwa amahugurwa yo gukora amasabune mu 2017.

Avuga ko ubwo amahugurwa yayabonaga, yahise atangira gutekereza uko ubumenyi yari yungutse yabubyaza umusaruro, aho gukomeza guca inshuro.

Yagize ati: "Namenye gukora amasabune niyemeza kuyashoramo. Natangije n'amafaranga make nari maze kubona mu bantu bansabaga kujya kubahugurira mu ngo zabo. Ayo mafaranga ndayakusanya nyagura ibikoresho birimo amaforomo yo gukora isabune harimo izo bita iz'imiti, indobo, amabase n'ibindi."

Nyuma yaho, yagiye muri SACCO, ahabwa inguzanyo y'amafaranga ibihumbi 50, ayabyaza umusaruro atangira gukora amasabune akomeye n'ay'amazi.

Yagize ati: "Ibyo bihumbi 50 nakuye muri SACCO narabikoresheje nkora isabune ikomeye, bita isabune y'umuti n'iy'amazi. Buhoro buhoro nza kubona ko ibi bintu bishobora kumpindurira ubuzima, kandi isabune ni igikoresho gikenewe muri sosiyete, ubu usanga abafite za hoteli, resitora n'ahandi baba banshaka ngo mbahe isabune kimwe n'abaturage."

Uwizeyimana avuga ko icyorezo cya COVID-19 cyaje kongera kumwereka ko yari yahisemo umwuga ushobora kumwinjiriza amafaranga, kuko isuku yari yashyizwe imbere mu gukumira ikwirakwira ry'indwara.

Yongera umusaruro, akomeza gushaka abakiliya no kongera igishoro, kugeza ubwo ibikorwa bye bitangiye kwaguka.

Kuri ubu afite abakozi batatu avuga ko bahembwa neza, ndetse we ubwe akaba atajya munsi y'umushahara w'ibihumbi 300 by'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi, nyuma yo gukuramo amafaranga akoresha mu bikorwa bye.

Yagize ati: "Iyo nahembye abakozi banjye ndetse nakuyemo ayo naguze ibikoresho, nsanga umushahara wanjye ari ibihumbi 300Frw."

Uwizeyimana avuga ko inyungu yakuye mu gukora amasabune itarangiriye ku kumutunga no kwishyurira abana amashuri, ahubwo yamufashije kuvugurura inzu ye, yaguze inka ifite ndetse n'ikibanza.

Yagize ati: "Gukora isabune byatumye abana banjye biga amashuri, kugeza ubwo umukuru yiga muri kaminuza. Byatumye mba ahantu hasobanutse, n'inyubako yanjye ndayivugurura ifite agaciro ka miliyoni 9 Frw, mfite inka ihagaze miliyoni 1, naguze ikibanza kiri hafi y'umuhanda cya miliyoni 4 Frw. Iyo mbaze neza nsanga isabune yarangejeje ku mutungo wa miliyoni 18."

Uretse uyu mutungo, Uwizeyimana avuga ko yatangiye no kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza, agamije kugira ubuzima bwiza mu gihe cy'izabukuru.

Asaba cyane cyane abagore kudategereza igishoro kinini kugira ngo batangire gukora, ahubwo bagakoresha ibyo bafite hafi yabo, bakabyaza umusaruro ubumenyi n'amahirwe babona.

Yagize ati: "Ibintu byose ni ugutekereza. Nzi umugore mugenzi wanjye watangiye agurisha imboga ku mifungo, yiyemeza kuzihinga iwe akoresheje icyo bita akarima k'igikoni. Yaje kugera aho ahinga igice cya hegitari, none ubu yabigize umwuga, agemurira imboga ibigo by'amashuri mu gace k'iwacu."

Yongeraho ati: "Uratekereza neza, ukabona icyo ufite hafi yawe, ukagitangira uko ushoboye, amafaranga akagenda aza."

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Judith Mukanyirigira, asaba abagore gukoresha amahirwe ari mu miryango yabo no mu bice batuyemo, bakiga imyuga kandi bakayihinduramo imishinga ibinjiriza amafaranga.

Mukanyirigira avuga ko Akarere gashaka ko abagore n'urubyiruko bataba abashaka akazi gusa, ahubwo banahinduka ba rwiyemezamirimo bashobora kwihangira imirimo ndetse bagaha akazi abandi.

Yagize ati: "Turashishikariza abagore kwiga imyuga no gutinyuka gutangira imishinga, n'iyo yaba mito. Icy'ingenzi ni ukumenya amahirwe ari hafi yawe, ukagira igitekerezo, ukagishyira mu bikorwa kandi ukamenya gucunga neza amafaranga ubona."

Yongeraho ko abagore bafite uruhare runini mu iterambere ry'imiryango n'Akarere muri rusange, bityo ko gukomeza kubongerera ubumenyi mu myuga, mu micungire y'imari no mu bucuruzi ari ingenzi.

Akarere ka Rulindo kashyize mu by'ingenzi guteza imbere ba rwiyemezamirimo, gutanga amahugurwa y'imyuga, gufasha imishinga mito n'iciriritse kubona serivisi zo kuyiteza imbere no gushishikariza abagore kwinjira mu bikorwa by'ubukungu. Muri gahunda y'iterambere y'Akarere ya 2024–2029, harimo intego yo gushyigikira imishinga 102 ibyara inyungu n'akazi, ndetse no gutanga amahugurwa y'igihe gito y'imyuga ku rubyiruko, abagore n'abandi bafite intege nke.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 18/08/2026
Ref no 286/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 028-DAT-WHCA-2026-2027**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : WHCA**

**Contract title : Tender for Provision of Irish Patatoes**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") through its WHCA Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of Irish potatoes of which complete Technical specification are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender .

Lot 1: Irish Potatoes

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG. opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **01st /09/2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 19/08/2026
Ref No 292/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 035-DAT-ECHO-RRC-2026-2027**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: ECHO**

**CONTRACT TITLE: Tender for the Supply of office equipment.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of the Internal Federation of Red-Cross (IFRC) through its ECHO Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **the Supply of office equipment** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **8th September 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 18/08/2026
Ref no 287/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 028-DAT-WHCA-2026-2027**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : WHCA**

**Contract title : Tender for Provision of Organic Manure**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") through its WHCA Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of Organic manure of which complete Technical specification are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender .

Lot 1: Organic manure

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG. opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **01st /09/2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 19/08/2026
Ref No 281/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 034-DAT-ECHO-RRC-2026-2027**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: ECHO**

**CONTRACT TITLE: Tender for the Supply of IT Equipment.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of the Internal Federation of Red-Cross (IFRC) through its ECHO Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **the Supply of IT Equipment** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **8th September 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm, Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

**UMURENGE WA GIKOMERO**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gikomero, ku bufatanye n'Akarere ka Gasabo (binyuze mu Mujyi wa Kigali), buramenyesha ba Rwiyemezamirimo , Koperative, n'Abantu ku giti cyabo babyifuza kandi banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

| No | Nimero y'isoko | Izina ry'Isoko | Itariki n'isaha yo gufungura | Aho amafaranga aturuka |
|---|---|---|---|---|
| 1 | TN/001/GIK/2026-2027 | Gusana ibikoresho by'ikoranabuhanga (IT maintenance), kubishyiramo antivirus no gutanga ibisimbura ibyangiritse (Spare parts) | 25/09/2026 saa 10:00 | Umujyi wa Kigali |
| 2 | TN/002/GIK/2026-2027 | Gutanga ibiribwa, ibyo kunywa no gutanga serivisi zo kwakira abantu (Motel/Hotel) | 25/09/2026 saa 10:00 | Umujyi wa Kigali |
| 3 | TN/003/GIK/2026-2027 | Gukora ibyapa, imipira no kubyandikaho n'amakarita y'akazi | 25/09/2026 saa 10:00 | Umujyi wa Kigali |
| 4 | TN/004/GIK/2026-2027 | Isoko ryo koza imodoka z'Umurenge | 25/09/2026 saa 10:00 | Umujyi wa Kigali |

Guhatanira aya masoko birafunguye kandi buri wese ufite ubushobozi n'ubumenyi bukenewe muri serivisi zivugwa muri aya masoko ashobora kuyitabira ku buryo bungana.

Inyandiko zisabwa kugira ngo umuntu cyangwa ikigo gishobore guhatanira aya masoko zizaboneka guhera ku itariki iri tangazo rizatangarizwa mu kinyamakuru « IMVAHO NSHYA », ku biro by'ubunyamabanga bukuru bw'Umurenge wa Gikomero, mu minsi y'akazi, herekanywe inyemezabwishyu y'amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw), adasubizwa, yishyuwe kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority).

Inyandiko z'ipiganwa zigomba kuba zanditswe neza na mudasobwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda, Igifaransa cyangwa Icyongereza, zigomba kuba zagejejwe ku biro by'ubunyamabanga bukuru bw'Umurenge wa Gikomero ku wa 25/09/2026 bitarenze saa tatu za mugitondo (09h:30).

Gufungura amadosiye y'ipiganwa ry'amasoko bizakorwa ku munsi umwe n'uwo gutanga amadosiye, saa yine zuzuye 10h:00 AM, ku isaha y'u Rwanda, mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gikomero, kandi bizakorwa mu ruhame.

**Bikorewe i Gikomero, ku wa 28/08/2026**

For ... CCO

**MUKESHIMANA Regine**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gikomero**

Akarere ka Gasabo B.P.7066 Kigali| Hotline:1520| Info@gasabo.gov.rw|www.gasabo.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Rwamagana
Umurenge wa Kigabiro

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kigabiro buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bupiganisha isoko rikira:

| No | No y'Isoko | Isoko | Ikiguzi cy'Igitabo | Itariki yo gufungura |
|---|---|---|---|---|
| 1 | 007/S/NCB/N/2026-2027/ KIGABIRO | Isoko ryo gukora isuku mu mihanda yo mu Mujyi wa Rwamagana | 10,000Rwf | 18/09/2026 saa 10h00 |

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kigabiro mu masaha no mu minsi y'akazi nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (**10,000Frw**) kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA) nº **040-0636228-38** iri muri Banki ya Kigali (BK).

Inyandiko z'ipiganwa ziteguye neza harimo umwimerere (original) imwe na kopi ebyiri; zigomba kugezwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kigabiro bitarenze saa **09h30** ku matariki yo gufungura yavuzwe haruguru kuko izakererwa itazakirwa. Abifuza gusura imihanda izakorwamo isuku, iki gikorwa giteganyijwe kuwa 09/09/2026 saa 10h00-14h00 bakazahagurukira ku biro by'Umurenge wa Kigabiro.

**Bikorewe i Kigabiro, kuwa 28/08/2026**

**RUSHIMISHA Marc**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kigabiro**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali
Kicukiro District

Kanombe Sector

Réf.0164../07.01.03.08/2026

Kanombe, ku wa 20/08/2026

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Kanombe uratumira ba Rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira :

| Nº | Izina ry'isoko | Numero y'isoko | Umunsi n'isaha yo gutangira kugura ibitabo | Umunsi n'isaha ntarengwa yo kwakira ibitabo by'ipiganwa | Umunsi n'isaha yo gufungura ibitabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo Gutwara abantu n'ibintu | P000007/2026/2027/KANOMBE Sector | 24/08/2026 10h00 | 21/09/2026 10h00 | 21/09/2026 10h30 |
| 2 | Isoko rya Maintenance y'Imodoka y'isuku n'umutekano na moto by'Umurenge | P000008/2026/2027/KANOMBE Sector | 24/08/2026 10h00 | 21/09/2026 10h00 | 21/09/2026 11h00 |

Inyandiko z'amabwiriza agenga ipiganwa ziboneka mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe mu minsi yose y'akazi ku matariki agaragara mu mbonerahamwe nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi ( **10,000frw)** adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA) , kwakira no gufungura inyandiko z'ipiganwa biteganyijwe ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mbonerahamwe; Inyandiko zizakirirwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe, ku matariki n'amasaha bigaragara mu mbonerahamwe, naho kuzifungura bizabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kanombe ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mbonerahamwe.

Bikorewe i Kanombe ku wa 20/08/2026

**SABATO Janvier**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanombe**

www.kicukiro.gov.rw Email: kanombe@kicukiro.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

*Republic of Rwanda*
*City of Kigali*
*Nyarugenge District*
*Kimisagara Sector*

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA IPIGANWA RY'AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kimisagara burahamagarira ba rwiyemezamirimo, koperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza, banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

| Nº | Inyito y'isoko |
|---|---|
| 01/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gukora maintenance y'imashini z'Umurenge wa Kimisagara no gutanga accesoire zazo. |
| 02/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gutanga ibikoresho byo mu biro mu Murenge wa Kimisagara. |
| 03/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gutanga tentes, gutunganya amajwi n'amafoto (sonorisation), no gutaka (decoration) mu nama n'ibirori bitandukanye bibera mu Murenge wa Kimisagara. |
| 04/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gukora printing services and other promotional items mu Murenge wa Kimisagara. |
| 05/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gutanga ibiribwa n'ibinyobwa mu nama n'ibirori binyuranye **(byo ku rwego rwa restaurant)** |
| 06/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gutwara abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali no hanze yawo. |
| 07/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gutanga ibiribwa, ibinyobwa na salle **(byo ku rwego rwa Hôtel)** |
| 08/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gukora maintenance y'imodoka na moto by'Umurenge wa Kimisagara |
| 09/KIMIS/2026-2027 | Isoko ryo gukora maintenance y'inyubako z'Umurenge n'Utugari tuwugize. |

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara guhera tariki ya 21/08/2026, herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 FRW) yishyurwa ku konti ya Rwanda revenue. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro, inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu (3) zayo bizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara bitarenze tariki ya 10/09/2026 saa yine za mu gitondo (10h00). Gufungura amabahasha arimo inyandiko z'ipiganwa ni kuri iyo tariki saa yine n'iminota mirongo itatu (10h30) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimisagara.

Bikorewe Kimisagara, ku wa 19 Kanama 2026

**NIYONKURU Emmanuel**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimisagara

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 18/08/2026
Ref no 223/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 028-DAT-AA-2026-2027**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : Anticipatory**

**Contract title : Tender for Provision of Hygien Kits**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") through its Anticipatory Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of Hygien Kits of which complete Technical specification are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender .

Lot 1: Jerrycans

Lot 2: Soaps bar

Lot3: Megaphones

Lot4: Blankets

Lot5: Hygien Kits

Lot6: Sleeping matsp

Lot7: Loincloths Kitenge

Lot8: Kitchen set

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG. opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **08th /09/2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

*Gira Umutima Utabara*

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 18/08/2026
Ref no 228/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 027-DAT-Training Center-2026-2027**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : Training Center**

**Contract title : Tender for Provision of First Aid Kit**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") through its Training Center Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of First Aid Kit of which complete Technical specification are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender .

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG. opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **08th /09/2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 19/08/2026
Ref No 233/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 036-DAT-Circular Economy SWM-RRC-2026-2027**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: Circular Economy SWM**

**CONTRACT TITLE: Tender for Hiring a Construction Company to Construct 3 Sorting Points and 2 School Latrines in RUSIZI District.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of European Union (EU) through its Circular Economy SWM Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Hiring a construction company to construct 3 sorting points and 2 school latrines in Rusizi District** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **14th September 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The site visit is scheduled to be conduct from **7th /09/2026** in **RUSIZI District.**

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

*Gira Umutima Utabara*

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 18/08/2026
Ref no 230/0107/SG/2026

**Organisme d'Intérêt Public**
**Auxiliaire des Pouvoirs Publics**
**B.P. 425 Kigali – Rwanda**
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 026-DAT-PROTECT-2026-2027**

**Client : Rwanda Red Cross**

**Project : PROTECT**

**Contract title : Tender for Provision of motorcycles**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") through its Protect Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for provision of motorcycles of which complete Technical specification are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender .

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG. opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **08th /09/2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

*Gira Umutima Utabara*

## ITANGAZO RY'ISOKO

Association des Parents pour l'Education et la Formation (APEF)

**Groupe Scolaire des Parents (GSP)**
**Mob: 0796638960**
**E-mail: gsphuye@gmail.com**
**PO Box: 638 Butare**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RY'IBIKORESHO BISHIRA (CONSUMMABLES)**

Ubuyobozi bw'ishuri rya Groupe Scolaire des Parents (GSP- TSS), bufatanyije na Komite ishinzwe gutanga amasoko muri icyo kigo baramenyesha ba Rwiyemezamirimo babishoboye ko bashaka gutanga isoko ry'ibikoresho bishira (Consummables) byo kwigishirizaho abanyeshuri mu mwaka w'amashuri 2026-2027.

Ibikoresho bikenewe n'igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga isoko biherereye mu Bunyamabanga bw'ishuri rya GSP.

Ushaka gupiganira iryo soko asabwa kubanza kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5000 Rwf) adasubizwa kuri konti ya APEF/ Groupe scolaire des Parents no 4074200083122 iri muri Equity Bank

Amabahasha y'ipiganwa azagezwa ku Bunyamabanga bw'ishuri rya GSP bitarenze kuwa Kabiri tariki ya 22/09./2026 saa munani zuzuye (14h00) afungurwe kuri uwo munsi saa munani n'igice (14h30) ku cyicaro cy'iryo shuri.

Bikorewe i Huye, kuwa 24/08/2026.

**MUKAYIRANGA Donathile**
Umuyobozi wa GSP

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**Groupe Scolaire Mater Dei**
**Tel : 0788300888**
**E-mail :gsmaterdeinyanz@yahoo.fr**

**ITANGAZO RY'ISOKO RY'IBIRIBWA N' IBIKORESHO BY'ISUKU NO MU BIRO2026-2027**

Ubuyobozi bw' ishuri rya Groupe scolaire Mater Dei riherereye mu karere ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana burahamagarira ba rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi gupiganira isoko rikurikira :

1. **ISOKO RY'IBIRIBWA N'IIBIKORESHO BY'ISUKU NO MU BIRO**

Abifuza gupiganira isoko bashobora kuza gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza arigenga aho ishuri rikorera, guhera ku wa 05/09/2026 mu masaha y'akazi kuva 8h30-16h30, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa kuri konti 100000725115 BK ya Groupe Scolaire Mater Dei.

Bikorewe I Nyanza ku wa 12/08/2026

**Umuyobozi w'ishuri**

**Soeur Marie Grace MUKASHYAKA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

AKARERE KA HUYE
UMURENGE WA NGOMA
KABUTARE TSS
BP 119 HUYE
Email: kabutaretvet@gmail.com

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO No 02/2026-2027/KABUTARE TSS**

Ishuri rya Kabutare TSS rifatanyije na komite ishinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri riramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga isoko ryo kugemura **ibikoresho bishira** bizakoreshwa mu kwigisha mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027. Ibitangirwa isoko n'amabwiriza bikaba biri mu gitabo cy'isoko kiri mu bunyamabanga bw'ishuri. **Uwifuza gupiganwa yishyura amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5000 Frw) adasubizwa kuri konti No 100025781613 ifunguye muri BK yitwa Kabutare TVET School.** Amabaruwa azakirwa ku tariki ya 22/09/**2026** i saa yine zuzuye (**10H00**) afungurwe saa yine n'igice (**10h30**) kuri iyo tariki yavuzwe haruguru ku cyicaro cy'ishuri.

**Bikorewe i Kabutare ku wa 24/08/2026.**

**MBARUSHIMANA Jean Damascene**
**Umuyobozi wa Kabutare TSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y' U RWANDA
INTARA Y' IBURASIRAZUBA
AKARERE KA RWAMAGANA
UMURENGE WA MUHAZI
**Email:** muhazisector@rwamagana.gov.rw
**Tel:** 0785414895

**ITANGAZO RYO GUPAGANISHA AMASOKO MU MURENGE WA MUHAZI**

Ubuyobozi bw'umurenge wa Muhazi buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amaso ko ni akurikira:

| NO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO |
|---|---|
| 01/NCB/2026-2027/MHZ | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro (Office stationaries and hyigiene materials) |
| 02/NCB/2026-2027/MHZ | Isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi byo kubaka no gusana amashuri n'izindi nyubako za leta mu murenge wa Muhazi |

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw' umurenge wa Muhazi kuva taliki ya **25/08/2026** mu masaha y'akazi nyuma yo gukora imenyekanisha ukanishyura **5000 RWF** kuri RRA / Akarere ka Rwamagana, ukazana inyemezabwishyu (Bordereau de versement) mu bunyamabanga bw' umurenge. Inyandiko z'ipiganwa ziteguye neza zigizwe na orginal imwe na copy 1 zigomba kugezwa mu biro bishinzwe gutanga amasoko ya Leta mu Murenge wa Muhazi bitarenze tariki ya **14/09/2026** saa yine za mugitondo (**10:00 AM**).Inyandiko zipiganwa zizafungurwa mu ruhame kuri iyo tariki ya **14/09/2026** saa yine n'igice za mu gitondo (**10:30 AM)** mu cyumba cy'inama cy'Umurenge.

Bikorewe Muhazi kuwa **25/08/2026**

**RWAGASANA Jean Claude**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w' Umurenge wa Muhazi

# Imigani migufi y'Ikinyarwanda



Abantu bakuze akenshi ni bo bacira abato imigani

Imigani ni ipfundo ry'amagambo adapfa kumvwa na buri wese, aba ahishemo ubuhanga. Iyi ni imwe mu migari migufi y'Ikinyarwanda

Ababiri bagiye inama batura umunai urasana. Akeza karigura. Ak'imuhana kaza imvura ihise. Ako umukobwa ashaka karamugarika. Amareshya mugeni siyo amutunga. Amavuta y'umugabo ni amuraye ku murundi. Agakecurur karitse ntikabura abuzukuru.

Agasore gahimba akandi kataraza. Babona isha itamba Bagatan'urwo bari bambaye. Bagarira yose ntuzi irizera n'irizarumba. Gesa ubw'iyo ubw'ino ntiburera. Gira so yitirwa indi. Gusaza ni ugusahurwa. Iby'abapfu birya abapfumu.

Kwa nyokorome uherekwa na nyoko.Mukuru w'ijambo ni irindi. Ntawe utinya ijoro, atinya icyo bahuriyemo. Ntayo iyoberwa iyayo mu mwijima. Nyiramaso yerekwa bike ibindi yirebera.

Haba guhirwa ntihaba guhinga, Haganira abicaranye. Sakwe sakwe irutwa na so araroga. Ubunini si ubugabo. Utagira nyirasenge arisenga. Uwanga gutenguhwa atuma mukuru. Uburo bwinshi ntibugira umusururu. Uca mw'ishyamba utazi ugaca inkoni utazi. Uwigize agatebo ayora ivu.


# Ibisakuzo: Sakwe sakwe

Ibisakuzo ni umukino ukinwa mu magambo, aho abantu babiri babazanya bagasubizanya mu buryo bwa gihanga ubaza akagira ati Sakwe sakwe? Undi akikiriza ati Soma. Iyo usubiza ananiwe gusubiza abwira uwamubajije ati Ngicyo, akaba ari we utanga igisubizo.

Imvaho Nshya yabateguriye bimwe mu bisakuzo n'ibisubizo byabyo.

Inka yanjye nyikama igaramye: Umuvure; Nkubise urushyi rurumira: Ibara ry'inka; Nyiramakangaza ngo mutahe: Imbeho ku rugi; Rukara rw'umwami yicarira abagabo batatu: Inkono; Ruganzu araguye n'ingabo ze: Igitoki n'amakoma; Nagutera icyo utazi utabonye: Ubuto bwa so na nyoko;

Mpagaze mu ishyamba rimpa umwezi: Ibarizo; Nagutera icyambuka amazi kitagira amaguru: Ijwi; Nyiramakangaza ngo mutahe: Imbeho ku rugi; Nkiza ibyo bitoki bya so binsaba inyama: Ibibabi by'ibi-




Sakwe sakwe? Soma

## Sobanukirwa n'insigamigani: Yazindutse iya marumba

***Uyu mugani baca ngo "yazindutse iyamarumba", bawuca iyo babonye umuntu yaciye ijoro mo kabiri azinduwe n'ikimubangamiye; ni bwo bavuga ngo "naka yazindutse iyamarumba". Wakomotse kuri Marumba w'i Kageyo mu Cyingogo ahahoze ari Gisenyi, ubu ni mu karere ka Rubavu, ku ngoma ya Mutara Semageshi; ahagana umwaka wa 1600.***

Marumba yari umuhigi n'umutezi w'inyamaswa ziribwa n'izitaribwa: imbogo, inyemera, impongo, amasha, ingwe, imondo, ibyondi, inkima n'izindi; dore ko n'abaturanyi be bose bo muri ako karere k'ishyamba rya Cyingogo bari abatezi b'inyamaswa.

Amaze kubona umwuga we uhimbaje, yigira inama yo kujya atura impu z'inyamaswa yishe kwa Semugeshi arabitangira, arazitura, arazitura, Semugeshi arabimushimira, bituma amugira umutoni we; amugabira abahigi bose batuye mu Cyingogo. Abahigi barayoboka bamutura impu, na we akazijyana ibwami, mbese biba umuhango we.

Bukeye, abahigi yagabanye babonye ko bimukijije kandi atakijya mu ishyamba, batangira kumugirira ishyari; bakamuca ruhinganyuma, inyamaswa zaguye mu mitego yabahaye, bakazitegura bakabaga, impu bakazijyanira ibwami, bakazitura ku giti cyabo, kugira ngo bamenyekane babone uko barega Marumba amanyoma.

Biba bityo iminsi Marumba abonye batakimuzanira impu, ararakara ajya kurega ibwami. Abwira Semugeshi ati "abantu duturanye, iyo nteze imitego yanjye igafata, bansha ruhinganyuma bakayitegura." Semugeshi arabatumiza agira ngo baze baburane.

Baraza, bageze ibwami, bati "Ngaho Marumba shinja abantu bawe." Marumba aratangi ati "Aba bantu nabagabanye ari abatezi, none ntega imitego bakansha ruhinganyuma bakayitegura, nimubambarize ikibibatera?" Na bo bahabwa urubuga rwo kwiregura; baraterera bati "Marumba aratubeshyera; dufite imitego yacu bwite, iyo ifashe ni yo dutegura".

Abacamanza bamaze kumva impande zombi, bati "Marumba erekana ibimenyetso bibahamya cyangwa utange abagabo babibonye?" Marumba abibura byombi; abacmanza bati "Uratsinzwe; dusanze urega ubusa; none genda uzabubikire, maze nubabona uzaberekane by'imvaho".

Nuko Marumba arashwiragira aragenda, ageze iwe akoranya inshuti ze zose, bajya inama yo kujya baca ijoro mo kabiri, bakajya mu ishyamba kureba imitego yabo. Batangiye kugenza batyo, babandi bayiteguraga baracwendera. Biba aho bisa nk'ibyibagirana.

Marumba na bagenzi be babonye ko imitego yabo yasugiye itagitegurwa, baradohoka barekera iyo ntibongera kujya bayisura, ariko Marumba akababwa. Bigeze aho agira akambuguyu ko kujya ayisura wenyine, kuko abandi batakibyitaho. Igihe akigingimiranya ingeso y'abaturanyi be irabyuka; bajya mu mitego barayitegura.

Marumba abibonye ararubira, bigeze mu gicuku cya nyuma amena ijoro ajya mu ishyamba; akiryegera ahubirana n'imbogo yabyaye iramwesa imuribatira aho, bukeye basanga intumbi igaramye mu kinani.

Kuva ubwo rero babikuririzaho umugani babona umuntu wazindutse cyane bati "Yazindutse iyamarumba". Kuzinduka iyamarumba = Guca ijoro mo kabiri kubera imitima ihagaze.



Kuzinduka iya Marumba ni uguca ijoro mo kabiri

Hifashishijwe igitabo cy'ibirari by'insigamigani.

**Byakusanyijwe na NYIRANEZA Judith**

# Diamond Platnumz yatanze ibyishimo ku Banyarwanda



Umuhanzi Diamond Platnumz yasusurukije abitabiriye igitaramo



Bruce Melodie yashimishije abitabiriye igitaramo

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi ukomoka muri Tanzania Diamond Platnumz yatanze ibyishimo bisendereye ku bakunzi b'umuziki we bitabiriye igitaramo cye yakoreye i Kigali.***

Ni igitaramo cyabaye mu ijoro ry'itariki 29 Kanama 2026, muri BK Arena ahasanzwe haparikwa imodoka.

Abitabiriye batangiye kuhagera saa kumi n'ebyiri z'umugoroba batangira gufashwa kwinjira aho igitaramo cyabereye baganira ari na ko basangira, abandi bamenyana.

Ahagana sa 8:00, ni bwo abashyushyarugamba Rocky Try na Michael Sengazi bageze ku rubyiniro, batangiza igitaramo cya 'Diamond Platnumz Experience'.

Bahise baha ikaze Dj Khizz Beats aho yatangiye gususurutsa abantu binyuze mu ndirimbo zitandukanye yavanze zabafashaga kunyeganyeza umubiri.

Diamond Platnumz wari utegerejwe n'abatari bake yegeze ku rubyiniro ahagana saa sita z'ijoro n'iminota yinjirira mu ndirimbo Pom Pom aherutse gufatanya na Bruce Melodie.

Uyu muhanzi wakiranywe urugwiro yahise akomereza kuri "Komasava" yakoze mu 2024, n'izindi zose zakunzwe aho atigeze atanga agahenge ku bitabiriye igitaramo



Dj Etania wo muri Uganda ari mu bavanze imiziki

ahubwo babyinaga ari nako baririmbana ijambo ku rindi.

Uretse Diamond hari n'abandi bahanzi nyarwanda bataramiye abitabiriye barimo Bruce Melodie wageze ku rubyiniro ahagana saa tanu n'iminota 43, aririmba izirimo Katerina, Izina na Katapilla, ati "igitaramo turagitangije."

Akomereza kuyitwa Akinyuma, Saa Moya, Munyakazi, Turaberanye, 'Complete me' asoreza kuri Selebura, Pom Pom, Kungola na Henzapu.

Muri icyo gitaramo hanaririmbyemo Ish Kevin waririmbye ize zitandukanye harimo My Year, Amakosi, Bro code, Vayo, Clout na Kibasumba n'izindi nyinshi.

Nel Ngabo wagiye ku rubyiniro ari uwa kabiri yinjiriye mu ndirimbo "Zoli," Nywe, n'izindi yaririmbye agendana n'abitabiriye ijambo ku rindi.

Abavanga umuziki barimo Dj Etania wo muri Uganda na Dj Marnou ni bo bavanze umuziki bashimisha abitabiriye.

**Imyambarire yitaweho**

Kamwe mu dushya kabonetse muri icyo gitaramo, ni uko imyambatire yitaweho aho umuntu yazaga yambaye imyenda migufi agasubizwa inyuma basabwa kujya guhindura kugira ngo bemererwe kwinjira bitandukanye n'ibyari bisanzwe mu rwego rwo guca ubwomanzi mu bakobwa bitabiraga ibitaramo bambaye imyenda itabambitse bikwiye.

Diamond Platnumz ataramiye mu Rwanda nyuma y'imyaka itatu atahataramira kuko yahaherukaga muri 2023, mu bitaramo bya Trace Awards na Giants of Africa Festival.



Nel Ngabo ari mu bishimiwe cyane

# Ishimwe rya Korali Ambassadors of Christ Choir kuri Perezida Kagame




Batangaje ko hari Korali ntoya bityo Ambassadors of Christ itazazima



Ambassadors of Christ yatanze ibyishimo

**MUTETERAZINA Shifah**

***Korali Ambasados of Christ yo mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bagaragaje ishimwe bafitiye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame batangaza ko aho bajya hose bahakiranwa urugwiro kubera ko baba baturutse mu Gihugu ayobora neza kandi akaba yarabatabaye ubwo bakoraga impanuka ikomeye.***

Ni bumwe mu butumwa batangaje mu gitaramo cyo kwizihiza imyaka 30, iyo Korali imaze ikora umurimo w'ivugabutumwa, yita ku buryo Perezida Kagame yayitabaye ubwo kuva cya gihe cy'impanuka baravuze bati Perezida ntiyabakorera biriya atari abana be, bamwe banibwira ko hari abana be baririmba muri iyi Korali, kubera uburyo Igihugu cyadutabaye, batazi ko Igihugu yakoreraga impanuka muri Tanzania mu 2011.

Mu ijambo rye Umuyobozi Mukuru wa Ambassadors of Christ Muvunyi Robert, yagarutse ku mateka yaranze iyo Korari aboneraho gushimira ubuyobozi bw'u Rwanda burangajwe imbere na Perezida Paul Kagame.

Yagize ati: "Turashimira byimazeyo ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, ku isonga nyakubahwa Perezida wa Repuburika y'u Rwanda Paul Kagame, Igihugu cyose tugiyemo baduha abatwitaho bo mu nzego za Leta, bakavuga ngo aba ni abana ba Kagame dukunda, reka tubafate neza."

Yongeraho ati: "Cyane cyane cyacu cyita kuri buri muturage wacyo wese, mwarakoze cyane nyakubwa."

Ni impanuka yabaye 2011, ihitana batatu mu bari bagize iyo korali, abandi barakomereka na n'ubu baracyagendana inkovu z'uwo munsi ushariye. Abitabye Imana ni Philbert Manzi, Ephraim Gatera na Amos ukomoka mu gihugu cya Tanzania. Inkuru y'ibyabaye kuri iyi korali yaririmbwe mu ndirimbo 'Kuki Wabyemeye', teka bamwe baririmba barira.

Mu bandi bashimiwe muri icyo gitaramo harimo Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Judith Uwizeye, Depite Uwimbabazi Penine, Prof. Ephrem Kanyarukiga n'umugore we, Amb Joseph Mutaboba, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco, Mufulukye Fred n'abandi.

Hashimiwe kandi abitabiriye baturutse mu bindi bihugu bagera ku 100 baturutse muri Uganda, Tanzania, RDC, Leta Zunze Ubumwe za Amerika, u Bwongereza, Sudani y'Epfo, Kenya, Zambia n'ahandi bose bahagurukijwe no kwifatanya na Ambassadors kwizihiza imyaka 30 bamaze baririmba.

Abatangije korali Ambassadors of Christ mu 1995 bashimiwe umurimo ukomeye bakoze watumye kugeza uyu munsi abarenga miliyoni 500 bakurikira ubutumwa bwiza batanga binyuze mu ndirimbo batambutsa ku mbuga nkoranyambaga no mu bitangazamakuru bitandukanye.

Abakunzi ba Ambassadors of Christ bamazwe impungenge z'uko itazazima kuko kugeza ubu uko abakuru bagenda basaza bakorerwa mu ngata n'abagize korali y'abato yitwa 'Ambassadors of Christ Choir Junior' yiganjemo abana n'abuzukuru b'abaririmba muri Korali y'abakuru, kuri ubu umuryango wayo ukaba ugizwe n'abarenga 200.

Bavuga ko Korali yatangiye ifite gahunda yo gusana imitima kubera amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yasize abantu barahuzwe insengero abandi bararakariye Imana kandi uwo murimo bawukomeje kuko muri gahunda bagira harimo no gusura abari mu bigo by'amagororero mu rwego rwo kubafasha guhinduka bakaba abo Imana ishaka.

# Volleyball: U Rwanda rwageze muri ¼ cy'Igikombe cya Afurika



**Byari ibyishimo ku bagize Ikipe y'u Rwanda y'abagore nyuma yo kubona itike ya 1/4**

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'Abagore muri Volleyball yatsinze iya Burkina Faso amaseti 3-0 mu mukino wa ⅛ cy'Igikombe cya Afurika, ibona itike yo kwerekeza muri ¼.***

Uyu mukino wabaye ku Cyumweru, tariki ya 30 Kanama 2026, muri Kasarani Indoor Arena y'i Nairobi muri Kenya ahari kubera iri rushanwa rihuza amakipe akomeye ku Mugabane wa Afurika.

U Rwanda rwageze muri iki cyiciro nyuma yo gusoreza ku mwanya wa mbere mu Itsinda D n'amanota icyenda ku icyenda, nyuma yo gutsinda imikino yose uko ari itatu rwakinnye.

Muri uyu mukino wa ⅛ wakinwe uyu munsi, abakinnyi b'u Rwanda bawutangiye neza batsinda iseti ya mbere ku manota 25 kuri 19 ya Burkina Faso. Mu iseti ya kabiri na bwo Abanyarwandakazi bakomeje gusatira, bayitwara ku manota 25-16, mbere yo gusoza umukino batsinda iseti ya gatatu ku manota 25-8.

Muri rusange umukino warangiye u Rwanda rwatsinze Burkina Faso amaseti 3-0, rukatisha itike yo kwerekeza mu mikino ya ¼ aho ruzakina na Ghana yasezereye Zambia.

# Ikipe izakina Rwanda Premier League 2026/27 igiye guhabwa inkunga ya miliyoni 35 Frw

**SHEMA Ivan**

***Urwego rutegura Shampiyona y'Icyiciro cya Mbere mu Bagabo, Rwanda Premier League, rwatangaje ko mu mwaka w'imikino 2026/2027 buri ikipe izahabwa inkunga ya miliyoni 31 Frw, ndetse buri kipe yatsinze umukino ikajya ihabwa miliyoni 1 Frw.***

Ku wa Gatandatu, tariki ya 29 Kanama 2026, ni bwo Rwanda Premier League, yagaragaje ibihembo ku makipe zitwara neza mu mwaka w'imikino utaha.

Buri kipe muri 16 zihatana izahabwa inkunga ya miliyoni 31 Frw, ivuye kuri miliyoni 10 Frw isanzweho.

Uru rwego rwanemeje miliyoni 200 Frw yo kugabanya amakipe azajya yitwara neza ku mikino, aho buri kipe izajya ihabwa miliyoni 1 Frw, ndetse umukinnyi mwiza ku mukino akazajya ahabwa ibihumbi 100 Frw.

Ibyemezo bishya mu gushakira ubushobozi abari muri shampiyona ntibyasize n'abasifuzi, kuko buri wese azajya ahabwa ibihumbi 35 Frw, nk'agahimbazamusyi katabarirwa ku mushahara bahabwa n'Ishyirahamwe rya Ruhago mu Rwanda (FERWAFA).

Amakipe yo muri Sudani azakina mu Rwanda ari yo Al Hilal SC na Al Merrikh SC, ntabwo azahabwa ku mafaranga y'inkunga, ahubwo azahabwa ku mafaranga y'ibihembo.

Muri uyu mwaka w'imikino 2026/2027, Rwanda Premier League izakoresha ingengo y'imari ingana na 1 280 055 000 Frw.

Biteganyijwe ko Shampiyona ya 2026/27 izatangira tariki ya 4 Nzeri 2026, igasozwa ku wa 30 Gicurasi 2027.



**Buri kipe muri 16 zihatana izahabwa inkunga ya miliyoni 31 Frw, ivuye kuri miliyoni 10 Frw yari isanzweho**



**Ikipe izakina Rwanda Premier League ya 2026/27 igiye guhabwa inkunga ya miliyoni 31 z'amafaranga y'u Rwanda**

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-71 TARIKI 25-31 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Volleyball: U Rwanda rwageze muri ¼ cy'Igikombe cya Afurika




Visi Perezida wa kabiri wa FERWAFA, Mugisha Richard, ni we watanze igikombe

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'Abagore muri Volleyball yatsinze iya Burkina Faso amaseti 3-0 mu mukino wa ⅛ cy'Igikombe cya Afurika, ibona itike yo kwerekeza muri ¼.***

Uyu mukino wabaye ku Cyumweru, tariki ya 30 Kanama 2026, muri Kasarani Indoor Arena y'i Nairobi muri Kenya ahari kubera iri rushanwa rihuza amakipe akomeye ku Mugabane wa Afurika.

U Rwanda rwageze muri iki cyiciro nyuma yo gusoreza ku mwanya wa mbere mu Itsinda D n'amanota icyenda ku icyenda, nyuma yo gutsinda imikino yose uko ari itatu rwakinnye.

Muri uyu mukino wa ⅛ wakinwe uyu munsi, abakinnyi b'u Rwanda bawutangiye neza batsinda iseti ya mbere ku manota 25 kuri 19 ya Burkina Faso. Mu iseti ya kabiri na bwo Abanyarwandakazi bakomeje gusatira, bayitwara ku manota 25-16, mbere yo gusoza umukino batsinda iseti ya gatatu ku manota 25-8.

Muri rusange umukino warangiye u Rwanda rwatsinze Burkina Faso amaseti 3-0, rukatisha itike yo kwerekeza mu mikino ya ¼ aho ruzakina na Ghana yasezereye Zambia.

# Ikipe izakina Rwanda Premier League 2026/27 igiye guhabwa inkunga ya milyoni 35 Frw

**SHEMA Ivan**

***Urwego rutegura Shampiyona y'Icyiciro cya Mbere mu Bagabo, Rwanda Premier League, rwatangaje ko mu mwaka w'imikino 2026/2027 buri ikipe izahabwa inkunga ya miliyoni 31 Frw, ndetse buri kipe yatsinze umukino ikajya ihabwa miliyoni 1 Frw.***



Kiyovu Sports yegukanye igikombe cya FERWAFA Super Cup ku nshuro ya mbere mu mateka

Ku wa Gatandatu, tariki ya 29 Kanama 2026, ni bwo Rwanda Premier League, yagaragaje ibihembo ku makipe azitwara neza mu mwaka w'imikino utaha.

Buri kipe muri 16 zihatana izahabwa inkunga ya miliyoni 31 Frw, ivuye kuri miliyoni 10 Frw isanzweho.

Uru rwego rwanemeje miliyoni 200 Frw yo kugabanya amakipe azajya yitwara neza ku mikino, aho buri kipe izajya ihabwa miliyoni 1 Frw, ndetse umukinnyi mwiza ku mukino akazajya ahabwa ibihumbi 100 Frw.

Ibyemezo bishya mu gushakira ubushobozi abari muri shampiyona ntibyasize n'abasifuzi, kuko buri wese azajya ahabwa ibihumbi 35 Frw, nk'agahimbazamusyi katabarirwa ku mushahara bahabwa n'Ishyirahamwe rya Ruhago mu Rwanda (FERWAFA).

Amakipe yo muri Sudani azakina mu Rwanda ari yo Al Hilal SC na Al Merrikh SC, ntabwo azahabwa ku mafaranga y'inkunga, ahubwo azahabwa ku mafaranga y'ibihembo.

Muri uyu mwaka w'imikino 2026/2027, Rwanda Premier League izakoresha ingengo y'imari ingana na 1 280 055 000 Frw.

Biteganyijwe ko Shampiyona ya 2026/27 izatangira tariki ya 4 Nzeri 2026, igasozwa ku wa 30 Gicurasi 2027.



Igitego cyatsinzwe na Hakim Hamiss cyahesheje Kiyovu Sports igikombe cya FERWAFA Super Cup



Kwitonda Alain 'Bacca' wa Police FC ari kugerageza gushaka uko atanga umupira